

ITORERO RY'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI

YUNYONI Y'U RWANDA (RUM)

IMINSI CUMI Y'AMASENGESHO

**IBY'IBANZE BYO KWIZERA: IMICO YA GIKRISTO MU BIHE
BY'IMIDUGARARO**



10 – 20 Mutarama 2024

**TURI MU BIHE BIDASANZWE KU ISI
REKA NATWE TUBE ABADASANZWE
DUKORE MU BURYO BUDASANZWE**

Itangiriro

Mbifurije ikaze mu Minsi Cumi y'Amasengesho 2024! Twizera tudashidikanya ko mu masengesho ariho haturuka ububyutse. Imana yagiye ikora ibitangaza byinshi mu myaka yashize nk'uko twabibonye mu masengesho yo gusenga no kwiyiriza. Umwuka Wera yatumye twihana, atuma twongera kugira ishyaka ryo kuvuga ubutumwa, avugurura amatorero kandi avugurura n'imibanire yacu. Ubu ni bumwe mu buhamya bwatanzwe mu byabaye umwaka ushize:

“Sinari narigeze numva Mwuka w’Imana ankoreramo nk’uko ubu nabyiyumvisemo.” (Frank B.)

“Imana yakijije umuryango wanjye mu gihe cy’iminsi 10 y’Amasengesho.” (Adebayo O.)

“Mu gihe cy’Iminsi Cumi y’Amasengesho, nasengeye umuryango wanjye utizera. Ku minsi wa 9, umukobwa wanjye mukuru w’imyaka 20 yarakangutse, maze atangira kumbaza ibibazo by’ibya Mwuka bwa mbere mu mibereho ye. Iki cyambereye igisubizo ku masengesho yanjye!” (Fran J.)

“Twasabiye Data, wari waravuye mu byizerwa kandi natwe nk’umuryango, kugira ngo duhabwe agakiza. Ku iherezo ry’iminsi cumi, data, yatashye mu rugo aribwo bwa mbere mu myaka yose yashize, asaba imbabazi, adusabako twiyunga kandi yiyemeza ko agiye kubana neza n’Imana.” (G.M.)

Ese ijwi ry’Imana ryaba riguhamagarira kugira ububyutse? Bibiliya yuzuyemo amasezerano yawe:

“Maze abantu banjye bitirirwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mwijuru mbabarire ibicumuro byabo, mbakirize igihugu.” (2 Ibyo ku Ngoma 7:14).

“Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose” (Yeremiya 29:13).

“Kandi umuntu wese uzambaza izina ry’Uwiteka azakizwa” (Yoweli 3:5/2:32).

“Mwegere Imana na Yo izabegera” (Yakobo 4:8).

“Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire” (Ibyahishuwe 3:20).

Aho waba uri hose muri ubu buzima, aka kanya Imana iri kumwe nawe kurenza uko ubitekereza. Irashaka gusesekaza imigisha ku muryango wawe, ku itorerero ryawe, mu baturanyi bawe, ndetse no mu batuye isi yose!

**INSANGANYAMATSIKO Y’AMASENGESHO YACU:
IBY’IBANZE BYO KWIZERA: IMICO YA GIKRISTO MU BIHE
BY’IMIDUGARARO**

Ujya ugira imibereho ukisanga uri mu bintu bigutera guhugirana, ntubone akanya na gato ko kugira ibihe bya Mwuka? Niba wifuza kugira imibereho mizima kandi yuzuye ibya Mwuka, iyi minsi 10 y’Amasengesho no kwinira ukibaza izaguhindukira iy’agaciro gakomeye.

Muri iyi minsi cumi, uzagira amahirwe yihariye yo kwikiza ibintu bigutwara intekerezo n’ubuzima kandi ntibikugeze ku kunyurwa nyakuri. Ibiramambu, tuzibanda ku bifite akamaro imbere y’Imana. Ni amahirwe guhitamo kugabanya ibiduhuza, kugira ngo tubashe kunguka imibereho ifitiye akamaro ubuzima bwacu.

Muri iyi minsi, uzagenda ubona ibintu bigaragara bizagenda bigufasha kwiringira Imana, bigakomeza imibereho yawe n'Isabato, kandi bigakomeza umurunga wawe wa buri muni ufitanye n'Imana. Amasengesho afite umumaro, ibikorwa by'ubugiraneza, no kwimenyereza gushima byose kandi bizaba ari ibintu tuzibandaho. icyigeretseho, uzungukamo uburyo bwo kwiyemeza, umuhati, no kwihangana ukeneye kugira ngo ubashe gutsinda.

Reka dufungurire Imana imitima yacu n'intekerezo zacu, turarika Mwuka Wayo Wera kwinjira mu buzima bwacu muri iyi minsi cumi. Muri iki gikorwa, turasaba guhindurwa no kugirwa bashya, kugira ngo dushobore kuba abahamya bakomeye b'urukundo rw'Imana ruhindura imibereho y'umuntu.

Reka dufatanye gusengera hamwe dusaba Imana ngo idushoboze kugira ububyutse bw'ibicaniro by'amasengesho y'umuntu ku giti cye n'ay'imiryango yacu, kugira ngo Mwuka Wera aduhe ivugurura n'ubushobozi bwo gusakaza ijambo ry'Imana n'ubutumwa buheruka butanga ibyiringiro ku batuye isi yose!

– Dr. Frank Hasel (ni we mwanditsi w'ibi byigisho by'uyu mwaka)

Amabwiriza Afasha mu Gihe cyo Gusenga

- Gira amasengesho magufi – interuro imwe cyangwa ebyiri kuri buri ngingo. Kandi uhe abandi umwanya. Ushobora gusenga inshuro zose wifuza, nkuko ubikora uganira.
- Ntukagire ubwoba bw’ umutuzo, kuko biha buri wese umwanya uhagije wo gushyikirana na Mwuka Wera.
- Kuririmbira hamwe muyobowe na Mwuka Wera ni umugisha ukomeye, si ngombwa ibikoresho kuko amajwi yonyine ahagije
- Aho gutakaza umwanya uri kuvuga ibyifuzo bijya mw’ isengesho, bisengere. Kuko n’abandi bashobora gusengera ibyifuzo byawe ndetse n’amasezerano.

Kwibutsa amasezerano

Ni inyungu zacu kwibutsa amasezerano y’Imana mu masengesho. Amategeko yayo yose ni amasezerano yadusezeranyije. Nta na rimwe Imana yadusaba ibitari mu gushaka kwayo.

Biroroshye kwita ku byifuzo byacu, ibidukomereye, ndetse n’ ibiduhangayikisha – kwinubira no kuririra ubuzima tubayeho igihe turi gusenga. Iyi siyo ntego y’ isengesho. Isengesho rigenewe gukomeza ukwizera kwacu. Niyo mpamvu tugushishikariza kwibutsa amasezerano y’ Imana mu gihe uri gusenga. Humiriza maze wirengagize ibiguhangayikishije byose, umutima uwerekeze kuri Yesu kuko kumugira bituma twibona mw’ ishusho Ye.

Ellen White abidushishikariza agira ati: “Buri sezerano rigize ijambo ry’Imana ni iryacu. Igihe urimo gusenga garagaza icyizere mw’ ijambo rya Yehova ndetse no kwizerera mu masezerano Ye. Ijambo rye ni ubwishingizi usaba wizeye, kuko uzahabwa umugisha. Komeza usabe kuko uzahabwa ibiruta ibyo wasabye n’ibyo utekereza (*In Heavenly Places*, p. 71).

Ni gute wakwibutsa amasezerano? Urugero nk'igihe uri gusengera kubona amahoro, ubisaba ukoresheje Yohana 14:27 maze uvuge uti: "Mbasigiye amahoro yanjye ndayabahaye icyakora simbaha nkuko ab'isi batanga. Imitima yanyu ntihagarare kandi ntitinye." Mana, mpa amahoro nk'ayo wadusezeranyije ko uzadusigira. Shima Imana kubw' amahoro iguhaye, nubwo utahita uyabona ako kanya.

Kwiyiriza

Turabashishikariza kwiyiriza nkuko Daniyeli yabikoze muri iyi minsi icumi. Gutangira umwaka usenga kandi wiyiriza ni uburyo bwiza bwo kwegurira ubuzima bwacu Imana mu mwaka utangiye. Ellen White agira ati: "Kuva ubu ukageza ku iherezo ry'igihe, abantu b'Imana bakwiriye kurushaho kugira umwete, bakarushaho kuba maso, bakwiriye kwirinda kwiringira ubwenge bwabo bwite, ahubwo bakiringira ubwenge bw'Umuyobozi wabo. Bakwiriye kugira iminsi yihariye yo kwiyiriza ubusa no gusenga. Ntibasabwa kureka burundu kurya, ahubwo bakwiriye gukoresha mu rugero ibyo kurya byoroheje cyane kurusha ibindi kandi biboneye (*Inama ku Mirire n'Ibyokurya*, p. 195).

Tuzi ibya Daniel wariye imbuto n'imboga mu gihe cy'iminsi icumi. Natwe turakuririkira kuzafata igaburo ryoroheje muri iki gihe cy'iminsi icumi y'amasengesho. Niba dushaka ubwenge busobanutse bwo kumva neza icyo Imana idushakaho kandi niba dushaka kwegerana n' Imana biruseho, dukeneye kumenya neza ko imirire yacu itatubangamira.

Kwiyiriza ubusa ntabwo ari ukwirinda ibyokurya gusa. Urararikirwa kandi kwiyiriza ubusa utareba TV, firime, imikino yo muri mudasobwa ndetse n'imbuga nkoranya mbaga. Rimwe na rimwe, ibintu bitari bibi byo ubwabyo bishobora kudutwara umwanya munini w'igihe cyacu. Shyira ku ruhanda ibintu byose bishoboka bijya bigutwara igihe kugira ngo ubone igihe gihagije cyo gusabana n'Imana.

Kwiyiriza ntabwo ari inzira ya bugufi yo kubona ibitangaza. Ahubwo kwiyiriza ni inzira yo kwicisha bugufi imbere y’Imana kugirango ibashe kudukoresha no kudukoreramo. Reka twiyegereze Imana binyuze mu kwiyiriza no gusenga, kandi na Yo Izatwiyegereza.

Mwuka Wera

Izere neza ko usaba Mwuka Wera kugira ngo akwereke icyo ugomba gusengera mu buzima bw’umuntu cyangwa mu gihe runaka. Bibiliya itubwira ko tutazi uburyo bwo gusenga kandi ko Mwuka Wera ari We udusabira.

“Ntitugomba gupfa gusaba mu izina rya Yesu gusa, ahubwo tugomba gusaba twuzuye Mwuka Muziranenge, kuko Umwuka ubwe “ari we udusabira, aniha iminiho itavugwa” (Abaroma 8:26). Iyo dusenze mu izina rya Kristo dushishikaye kandi twizeye, hakurikiraho gusohozwa kwa ya ndahiro y’Imana yo kuduha ibyo dukeneye. “Nuko ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n’ibyo twibwira byose nk’uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo (Abefeso 3:20)” (*Imigani ya Kristo*, p. 68).

Kwizera

Dusoma mu mwuka w'ubuhanuzi ko "Gusenga no kwizera bibasha gukora ibitabasha gukorwa n'imbaraga iyo ariyo yose yo ku isi" (*Rengera Ubuzima*, p. 110). Tubwirwa ko "Kandi dusaba guhabwa impano iyo ariyo yose Imana yasezeranye. Tumaze gusaba ibyo, tugomba kwizera ko tubihawe, bityo tugashimira Imana ko twabihawe" (*Uburezi*, p. 269). Gira akamenyero ko kujya ushimira Imana hakiri kare igihe ufite kwizera kw'ibyo Imana igiye kugukorera n'uburyo igiye gusubiza amasengesho yawe.

Gusengera Abandi

Muri iyi minsi icumi turagushishikariza gusengera abantu Imana yashyize mu mibereho yawe. Hitamo abantu batanu cyangwa barindwi – bashobora kuba abavandimwe, incuti, abo mukorana, abaturanyi ndetse n’abo muziranye. Fata umwanya usabe Imana uwo wasengera. Yisabe kubagira umutwaro mu maso yawe kugirango ukomeze kubasengera. Andika amazina yabo ku gapapuro maze ukabike ahantu hatekanye nko muri Bibiliya yawe. Uzatangazwa n’ukuntu Imana izasubiza amasengesho.

Gahunda y’Iminsi Cumi y’Amasengesho

Yesu ntabwo adukangurira gusenga gusa anadusaba no kugira ibyo dufasha abaturutse. “Kuko nari nshonje mukamfungurira, nari mfite inyota mumpa icyo kunywa, nari umushyitsi murancumbikira, nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransura, narindi munzu y’imbohe muza kundeba.” (Matayo 25:35, 36).

Mu gitabo cyitwa *The Ministry of Healing (Rengeru Ubuzima)* handitse ngo, “Tugomba kubaho imibereho y’uburyo bubiri – imibereho yo gutekereza no gukora, imibereho yo gusenga bucece no gukorana umwete.” (p. 512). Umukiza wacu yadukunze urukundo rwishi cyane, kandi dufite amahirwe yo gusagira urwo rukundo n’incuti, abavandimwe, ndetse n’abanyamahanga barukeneye.

Saba Imana ngo ikumenyeshe wowe n’itorero usengeramo uburyo wakoresha bwo gufasha abandi nyuma y’iminsi icumi y’amasengesho. Mu gihe ukora kugira ngo utegure gahunda y’imirimo, irinde kugira ngo iyo gahunda itakurangaza ikakubuza gusenga. “Imbaraga z’umuntu ku giti cye mu gufasha abandi zigomba kubanzirizwa n’ibanga ryo gusenga. Kuko bisaba ubwenge bukomeye bwo gusobanukirwa n’ubumenyi bwo gukiza ubugingo. Mbere yo kuvugana n’abantu, banza usabane na Kristo. Ku ntebe y’ubuntu bwo mu ijuru urahakomora imyiteguro myiza yo gukora umurimo wo gufasha abantu”. (*Prayer*, p. 313).

Muri gahunda y'iminsi icumi y'amasengesho iboneka kuri murandasi, ushobora kuhabona ibyigisho byuzuye ibitekerezo byubaka. Yesu arakurarika kugira ngo umubere ibiganza n'ibirenge mu gufasha abatuye iyi si bakeneye ubufasha.

Ibirebana n'Umwanditsi

Dogiteri Frank M. Hasel, (Ph.D.), ni umuhanga mu by'Iyobokamana akaba n'umwanditsi w'ibitabo, n'Umuyobozi Wungirije w'Ikigo cy'Ubushakashatsi mu bya Bibiliya (BRI) ku cyicaro cy'Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi ku Isi yose kiri i Silver Spring, MD. Mu gitabo gishya yanditse, tugenekereje cyitwa ngo, *Urukundo Ni! Urugendo rw'Umubabaro, Imbabazi, no Gushima*, [*Love Is! A Journey of Grief, Grace, and Gratitude* (Cascade, 2024)], asangiza abandi imibereho ye bwite yo kubura umufasha we yakundaga wahitanywe na kanseri, avugamo iby'imibabaro yahuye na yo, n'icyo bisobanuye kubura umuntu nk'uwo mu buzima.

Yavukiye mu Budage, akora umurimo w'ubupastoro, umwarimu wa Bibiliya, n'umuyobozi w'ishami ry'Iyobokamana mu Burayi mbere yo kujya muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Frank akura ibyishimo bye mu mubano afitanye na Yesu, akaba umuntu uganira ibiganiro bifasha abandi, yishimira abamugaragariza ineza ivuye ku mutima, agakunda kugenda areba ibyaremwe, kandi akunda rimwe na rimwe kurya yawurute zidakoranywe amata.

Frank yiringira rwose ko inyigisho za Bibiliya zifite urufunguzo rukomeye rutuma umuntu akanguka, agatera imbere, imibereho ye yose ikabona ibiyitunga. Mushobora kumukurikirana ku mbuga za instagramu na fesibuku zikurikira: ([@frank.m.hasel](https://www.instagram.com/frank.m.hasel)) (<https://www.facebook.com/Frank.M.Hasel>), cyangwa mukamusura ku rubuga rwa www.frankmhasel.com

Ibyigisho by'Iminsi Cumi y'Amasengesho byateguwe n'Icyiciro cy'Ubugabura cy'Inteko Nkuru y'Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi ku Isi.

Amasomo yakoreshejwe muri ibi byigisho hafi ya yose yakuwe muri Bibiliya Yera.

Umukoro w'Ivugabutumwa ujyanye n'igihe cy'Iminsi Icumi y'Amasengesho

Yesu ntabwo aduhamagarira gusenga gusa ahubwo adusaba no gufasha abatuzengurutse mubyo bakeneye byaba iby'umwuka cyangwa iby'umubiri. “Kuko nari nshonje mukamfungurira, nari mfite

inyota mumpa icyo nywa, nari umushyitsi murancumbikira, nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransura, nari mu nzu y'imbohe muza kundeba” (Matayo 25:35, 36).

Mu gitabo *The Ministry of Healing* dusoma ko, “Tugomba kubaho imibereho y’uburyo bubiri— imibereho itekereza kandi ishyira mu bikora, isenga bucece kandi ikora cyane” (p. 512) Twahawe urukundo rwinshi n'Umukiza wacu, kandi dufite amahirwe yo gusangira urwo rukundo n'inshuti, abaturanyi, ndetse n'abantu tutazi barukeneye.

Baza Imana uburyo wowe n'itorero ryawe mushobora gufasha abandi nyuma y'iminsi icumi y'amasengesho. Mu gihe ukora kugirango utegure ibikorwa by'iyi gahunda, irinde kwemerera gahunda zaguteshura ku gusenga. “Umuhati wo gufasha abandi ugomba kubanzirizwa n'amasengesho menshi yo mu rwiherero; kuko bisaba ubwenge bukomeye bwo gusobanukirwa ubuhanga bwo gukiza ubugingo. Mbere yo kuvugana n'abantu, vugana na Kristo. Ku ntebe y'ubuntu yo mu ijuru ube ariho ubonera imyiteguro yo gukorera abandi.” (*Prayer*, p. 313).

Hano hari uburyo butandukanye bwo gufasha abandi. Hitamo icyo aricyo cyose gihuye nibyo abo aho utuye bakeneye, kandi wumve ko ufite uburenganzira bwo kongeraho ibitekerezo byawe.

- Umuntu urwaye mutegurire ibyo kurya.
- Rarika umuturanyi/uwo mukorana muri gahunda y'ubusabane.
- Gaburira abadafite aho baba.
- Tanga imyenda nawe wumva yakunezeza bayiguhaye.
- “Ita” ku muntu ugeze mu za bukuru. Musure buri gihe kandi umufashe imirimo yo murugo, guhaha, guteka, cyangwa akazi ko gutunganya ubusitani.
- Tekka imigati uheho umuturanyi wawe.
- Fasha mu mishinga y'aho utuye.
- Itangire gusigarana umurwayi cyangwa ufite ubumuga kugira ngo uwamwitagaho abashe kugira ikindi yakora.
- Itabire imishinga y'abaturanyi.
- Imenyekanishe ku muturanyi mushya ubashyiriye ifunguro. Bitume bumva bakiriwe neza muri quartier [aho mutuye].
- Gura ibiribwa maze ubishyikirize umuryango utishoboye.
- Tanga indorerwamo zawe z'amaso utagikoresha.
- Itangire gutanga ibyigisho bya Bibiliya.
- Sura abantu mu bigo byita ku bageze mu za bukuru.
- Tanga amafaranga "ibiryo" ku munyeshuri.

- Kusanya imyenda yo gufasha abatishoboye. Ushobora gutangira ikusanyirizo ry'imyenda ku itorero ryanyu kugirango muyifashishe abandi.
- Tanga mudasobwa igendanwa cyangwa ibindi bikoresho bya elegitoroniki utagikoresha.
- Tanga imodoka yakoreshejwe.
- Tegura “Imurikabikorwa ryerekeye iby'ubuzima.”
- Ohereza ikarita uri muri gereza.
- Tegura gahunda y'amavuna.
- Hamagara abaturanyi bawe ubabaze uko bamerewe.
- Ha umuntu igitabo wumva ko yakwishimira.
- Kwirakwiza impapuro ziriho ubutumwa zitwa GLOW (ziboneka kurubuiga rukurikira): <http://www.glowonline.org/>.
- Rarikira umuntu kwakira Yesu.
- Tangiza ishuri ryo kwigisha guteka.
- Tanga ibitabo birimo inyigisho za Bibiliya.
- Shyira ibyo kurya ababuze ababo.
- Sura umuntu uri mubitaro kubwo kumuhumuriza cyangwa kugira ikindi wamufasha.
- Somera umuntu utagishoboye kwisomera.
- Sura ikigo cyita ku bana ugire icyo ufasha abashinzwe kubitaho.
- Tangiza ikigo cyo kudoda no kuboha imyenda yo gutanga.
- Soma Bibiliya mu ijwi ryumvikana ufasha utabona kandi utabasha gusoma.
- Rarika umusore arare iwawe.
- Korera ubushake mu kigo cy'abahohotewe.
- Tanga ibitabo mu muryango cyangwa ikigo cyita ku bana.
- Jyana abana bo ku rusengeru rwawe gusura umuryango w'abageze mu zabukuru. Mugire gahunda mubaringaniriza.
- Tegura kandi wakire abana bafite ubumuga mu muni wo kwidagadura hamwe n'imiryango yabo.
- Gira umuni wo gukora isuku aho utuye.
- Tangiza gahunda yita ku buzima mu itorero ryawe. Rarika incuti n'abaturanyi.

- Baza umuntu wakwifuzza gufatanya nawe kureba DVD ifite ubutumwa bw'ibya mwuka. Mugihe mufatanyije kureba, senga kugirango Umwuka Wera avugane n'umutima w'uwo muntu.
- Tegura gahunda yawe bwite.

Ku bindi wakenera byerekeye guhamiriza abandi, sura urubuga rukurikira: www.revivalandreformation.org/resources/witnessing.

IBYIFUZO BY'AMASENGESHO Y'AMATORERO YO KW'ISI HOSE

- Mwami, reka muri twe habeho ububuyutse butuma tubasha guhagarara mu kuri mvajuru
- Turasengera umudendezo w'itorero ku isi yose. Mwami, dufungurire imiryango y'isi kugirango tubashe kwamamaza Ijambo ryawe.
- Mwami, reka itorero ryawe ryakire umuhamagaro wo kwamamaza ubutuma bw'Abamalayika batatu muri buri gihugu na buri bwoko. Twereke urufatiro rw'izo nyigisho rushingiye ku rukundo n'ukuri kwa Yesu Kristo.
- Mwami, reka Abadiventisiti bari kw'isi hose barangurure bavuga ngo "Niyemeje Kugenda" maze bakire umuhamagaro wo kugukorera no kwamamaza inkuru nziza y'agakiza.
- Turasengera ubwenge bwo gushaka, gusobanukirwa, no gukurikiza Bibiliya y'Umwami Imana. Twigishe gusaranganya inyigisho z'ukuri kandi tubashe kuzamamaza mu bandi.
- Mana, vugurura kwizera kwacu kwerekeye amabwiriza y'ijuru aboneka mu nyandiko za Ellen White.
- Turasengera imvura ya Mwuka Wera kugirango akomeze kwizera kwacu kandi adushoboze gusoza umurimo Imana yadushinze mbere yo Kugaruka kwe.

- Mana, turasabira abazahajwe n'icyorezo cya COVID-19 ngo babashe gukira rwose kandi babone imbabazi zawe.
- Turasengera abaganga ndetse n'abandi bari mu bikorwa byo kwita ku buzima, abayobozi, kubw'ubwenge n'ubushishozi wabahaye kugira ngo bafate ibyemezo biboneye.
- Turasengera Abadiventisiti bari kw'isi yose batanga ubufasha bw'amaboko ndetse n'izindi nkunga ku bababaye. Duhe umuhate, ukwitanga ndetse n'impuhwe zo gufasha abaturanyi mu gihe badukeneye
- Turasengera abakeneshejwe no kubura imirimo bitewe na gahunda za Guma mu rugo.
- Mana, ereka abagize itorero uko bafasha abari guhangana n'ibibazo by'ubuzima bwo mu mutwe ndetse no kwigunga.
- Turasengera abapasiteri ndetse n'abakuru b'amatorero ngo babone uburyo bwo gukomeza gusura no kubana n'abizera b'itorero mu bihe tugezemo. Mana, huriza hamwe itorero ryawe mu mwuka wo kukuramya.
- Turasengera ububyutse mu rubyiruko rw'Abadiventisiti biga muri za Kaminuza n'amashuri makuru kw'isi yose. Komeza kubaha imbaraga zo guhagararira Kristo.
- Turasengera abagize 69% by'abatuye isi bataramenya inkuru nziza ya Yesu.
- Turasengera abarenga miliyoni 62 batuye mu mijyi 28 iri ahantu hagoye kubageraho mu migi y'icyahoze ari Repubulika z'Abasoviyeti.
- Turagusaba Mana ngo uhagurutse Abamisiyoneri bitangira gukorera mu matsinda 746 ari mu bihugu 20 biherereye mu Burasirazuba bwo Hagati.
- Turasengera Abadiventisiti barimo guhura n'itotezwa cyangwa bari mu nzu z'imbohe bazira ukwizera kwabo.

- Turasengera abagera kuri miliyoni 202 baherereye mu duce 41 turi mu Majyepfo ya Aziya-Pasifika bataramenya Yesu.
- Turasengera icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato n'Ubutabazi kuri buri torero mu murimo wo kumenya gahunda y'Imana no kugera ku bantu benshi binyuze mu bikorwa by'urukundo, ibyigisho bya Bibiliya, n'ubuhamya bw'abizera.
- Turasengera ikigo cya ADRA gishinzwe gutanga ubufasha ku isi yose
- Turasengera abarenga miliyoni 16 batuye mu duce 6 duherereye mu Majyepfo ya Pasifika aho bigoye kubageraho.
- Turasenga ngo Mwuka Wera adufashe kumenya uko twagera ku bagera kuri miliyoni 406 batuye mu duce 105 tugoye kugerwamo, turi muri Pasifika y'Amajyaruguru.
- Mana, ha umugisha Abadiventisiti bose babwiriza ubutumwa bwiza muri za gereza.
- Mana, turasengera abigisha bose b'Ishuri ryo ku Isabato. Ubamenyeshe akamaro k'umurimo bakorera abana bawe.
- Mwami, turasaba ubuyobozi bwawe ngo bwigaragaze mu bigo by'urubyiruko ndetse no muri gahunda z'icyiciro cy'imibereho myiza kw'isi hose.
- Turasenga kugirango udufashe kugaragariza ineza n'urukundo abashyitsi basura amatorero yacu.
- Mwami, fasha itorero ryawe mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga n'ibitangazamakuru hirya no hino ku isi Turagusaba ngo Mwuka Wera ayobore abantu babikurikira mu kuri kwa Bibiliya.
- Mana, turasaba uburinzi bwawe ku bamisiyoneri bakorera mu bice bidafite umutekano.

- Turagusaba kongerera imbaraga abigisha Ibyanditswe, abanyeshuri b'abakorerabushake, abanditsi, abanyamakuru, ndetse n'abaterankunga bafasha mu kwamamaza Ubutumwa bwiza butanga icyizere n'ubuzima.
- Turasengera amashuri y'Abadiventisiti, abanyeshuri, ndetse n'abarimu bari kw'isi hose. Reka aya mashuri akomeze kwigisha ukuri kwa Bibiliya kandi ayobore urubyiruko mu murimo ndetse no kongera umubano wabo n'Imana.
- Mana, duhe ubwenge bwo kumenya gufasha ababaswe n'imigenzo n'imico itandukanye n'ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Reka Mwuka Wera asenye inkuta zigose imitima yabo.
- Tubashishe kugera ku bantu babaswe no gusenga imyuka, ibishushanyo, n'indi migenzo ya kinyamaswa. Dufashe mu kuyobora amahitamo yabo no kubereka Umukiza.
- Mana, shoboza Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bari kw'isi yose gusenga cyane. Twigishe kwakira amasezerano yawe kandi twizere ko ubasha gukuraho imisozi igihe tugusenga.
- Turasengera amatsinda y'abantu 541 aherereye mu bihugu 18 bya Diviziyo y'Afurika y'Epfo n'ibirwa byo mu Nyanja y'Ubihinde. Ubayobore mu nzira y'ukuri kwa Bibiliya.
- Twereke uko twafasha impunzi mu buryo bw'umubiri cyangwa ubw'umwuka. Reka itorerero ryawe rimenyekanire ku rukundo rikunda abantu bose rititaye ku nkomoko yabo.
- Turasaba kongerera imbaraga z'umurimo amatsinda 806 y'abantu batuye mu bihugu 20 by'Uburayi ngo babashe gushinga amatorero.
- Turasaba kongerera imbaraga z'umurimo amatsinda 948 y'abantu batuye mu bihugu 38 biri ku mugabane wa Amerika.

- Dushoboze kugaragaza urukundo rwa Yesu ngo rube intandaro y'ibyo twizera.
- Turasabira gahunda yo gutegurwa kw'abakorerabushake bo kugeza ubutumwa ku matsinda y'abantu 70 aherereye muri Filidi ya Isiraheli.
- Turasaba gutegura abamisiyoneri b'abaganga bo guhanga amatorero mu matsinda 830 yo mu bihugu 11 byo muri Diviziyo ya Afurika y'Uburasirazuba no Hagati.
- Turasaba imbaraga ituma haboneka intwari z'amasengesho muri Diviziyo y'Amajyepfo ya Aziya.
- Reka imiryango yacu igaragaze urukundo rwawe mu ngo zacu no mu baturanyi. Turagusaba kuzana amahoro mu miryango no mu ngo zacu, usane imibanire yangiritse, urinde abanyanteye nke ihohoterwa, kandi wigaragarize abataye icyizere.
- Turasengera abana bacu. Ubashoboze guhagarara bashikamyeye mu gihe bahura n'ibigeragezo. Bafashe kugira amahitamo aboneyeye kandi yuzuye ukuri.
- Twigishe gukurikira urugero rwiza rwa Yesu rwo kwitanga mu gusohoza ibyifuzo bya bagenzi bacu batwegereye. Duhe ubushobozi bwo gukora nk'abaganga b'abamisiyoneri, abakorerabushake, ndetse n'inshuti ku bakoneyeye gufashwa.
- Turasengera abayobozi b'urubyiruko kw'isi hose bari gutanga umurage w'ahazaza: kugera ikirenge mu cya Kristo, kwita ku murimo w'Imana, n'ubuyobozi mw'itorero.
- Shoboza abizera bacu, abagabura bacu, n'abayobozi b'itorero kw'isi hose kugabura Ijambo ryawe buri muni. Dushoboze kugushaka mu isengesho rya buri muni. Utwibutse ko tutagufite ntacyo twakwigezaho.

IBY'IBANZE BYO KWIZERA

UMUNSI WA MBERE – BIKEYA NI BYO BYINSHI

“Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk’abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk’abanyabwenge, mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi” (Abefeso 5:15, 16).

Mbese Byinshi biba ari Byinshi koko?

Ubuzima bwacu bwuzuyemo ibintu byinshi dushaka kugeraho. Muri sosiyete itwawe n’ibisazi byo gushaka ubutunzi no kwamamaza ibyaduka, tugenda kwibwirako uko turushaho kugira byinshi, ariko turushaho kuba abantu banezerewe. Bitewe n’ibigeragezo by’amatangazo yo kwamamaza adukikije hirya no hino, twumva dufite ubushake bubi bwo kugira ibintu byose. Rimwe na rimwe iyi mitekerereze tuyigeza no ku murimo dukorera Imana. Dushaka gukorera Imana, ariko nanone kandi ntitwifuzako hagira na kimwe cyaducika mu bitunyura imbere. Ibyo rero bigatuma dushakisha uko twahuza umurimo w’Imana n’ibyo twirukankaho bitarangira. Ibi bituganisha ku ruhūri rw’imirimo myinshi. Muri icyo jugujugu idatuma turuhuka, twishyira mu bisazi byo kwiringira ko dushobora gukurikira Imana kandi ntihagire n’ikintu na kimwe cyo muri ubu buzima kiducika. Igihe dukoresheje iyi mitekerereze yo kwibeshya mu nzira tugendanamo n’Imana, tuba twishuka.

Kugira Ubushake bwo Kubireka

Ntidushobora kubigira byose – ntidushobora kugira iby’isi n’umunezero itanga ngo tugire n’umugisha w’Imana. Gutekereza gutyo byaba ikosa rikomeye. Iyo

mitekerereze yo guharanira inyungu z'iby'isi yanduza intekerezo zacu igakururira n'ingaruka mbi zikomeye ku mibereho yacu y'ibya Mwuka. Ntidushobora gushyira Imana imbere ngo ibe hejuru y'ibindi byose, nk'uko bashyira amavuta hejuru y'umugati wa keke, mu gihe tutayihaye umwanya tubigambiriye mu mibereho yacu yuzuyemo byinshi bituruhije. Mbere ya byose tugomba kugira ubushake bwo kubaho imibereho yimenyereje kugira bikeya kugira ngo tubashe kubona imigisha y'ibintu bifite agaciro kurushaho. Tugomba kureka ibintu biduhuza kubana n'Imana bikanacogoza n'imbaraga zacu z'umubiri, z'intekerezo, n'iz'umwuka. Iyo tugerageje kugira uruvange rwa gahunda z'imirimu n'imikorere ya jugujugu kugira ngo turebeko twarangiza gukora ibyo twateganyije bitajya birangira, twisanga uwo mwanya twaguye agacuho kandi tugacogora mu by'umwuka.

Tugerageze Kubeshwaho na Bikeya

Ese uruhuri rw'ibiri mu mibereho yawe ntirwaba rukubuza kubana n'Imana mu buryo bwuzuye? Imibereho yuzuyemo ibintu byinshi bikabije ntishobora guha umwanya Umuremyi w'ijuru n'isi. Tugomba gusobanukirwa ko bikeya aribyo byinshi. Ntidushobora kwifuza kugira imigisha myinshi y'iby'umwuka, ibihe byinshi by'amasengesho, n'ibindi byinshi dukeneye mu mibereho yacu y'ibya Mwuka niba ibyo biza bisanga twujuje byinshi mu buzima bwacu. Ubwo bw'inshi bukabije nta handi butugeza uretse ku kumva ntacyo dufite mu mibereho yacu. Ibiramambu, tugomba gufata icyemezo tubigambiriye cyo kubaho dufite bikeya kugira ngo dushobore kwishimira byinshi cyane kandi bifite agaciro imbere y'Imana. Bikeya ni byo byinshi!

Reka dufatanye gusenga.

Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)

Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora

amasengesho ashyize hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w'amasengesho y'ikiganiro (nk'amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuro nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n'amasomo yo mu Byanditswe nk'uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n'ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw'ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw'isi.

Ijambo ry'Imana Dusengera – Abefeso 5:15, 16

“Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge, mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi.”

“Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge”

Dusenge: Mana, mu ntegenke n'ubuhanya bwacu tuje imbere yawe ngo utugirire ubuntu n'imbabazi. Imibereho yacu twayujujemo akajagari k'imirimo myinshi no guhugirana kwinshi. Dukeneye ububyutse, guhumanurwa, no kumenya gushyira imbere ibintu bifite akamaro by'ukuri. Twigishe gusobanukirwa no kubaho imibereho yo kugira bikeya kugira ngo tubashe kwita ku bifite akamaro kuruta ibindi. Turashaka kuba abanyabwenge barangwa n'ubwenge mvajuru. Turagusaba ngo utuyobore Mana, kubwa Yesu, Amen.

“Mucunguze uburyo umwete”

Dusenge: Yesu Mwiza, ni wowe mugenga w'igihe kandi ugikoresha neza, ndetse uzi neza igikwiriye kuvugwa no gukorwa mu gihe cyose cy'amateka. Turagushimira umurimo utunganye wakoreye kuri iyi si. Twigishe turakwinginze uburyo tubasha gucunguza uburyo umwete, tukagukoreshereza igihe mu buryo burushaho kuba bwiza, by'umwihariko muri iyi minsi iheruka turimo. Duhishurire utwereke aho

twapfushije igihe ubusa maze uduhe intsinzi yo kwigobotora ibintu tuziko bidutwara umwanya mwinshi mu mibereho yacu, tubisabye mu Izina ryawe, Amen.

“Kuko iminsi ari mibi”

Dusenge: Mana, tuziko iyi si igiye kugera ku iherezo bidatinze. Ibimenyetso biratwugarije ahantu hose. Nyamara kandi dutwawe n’ibiduhugije byacu, cyangwa ibiduhenda by’iyi si, bigatuma twibagirwa ko tugeze ku mwaro w’ibihe bihoraho. Dushoboze Mana kukwiyegurira byuzuye no kwirundurira mu murimo wahamagariye buri wese. Duhindurire imibereho yacu igendane n’ubushake bwawe. Mu Izina rya Yesu, Amen.

Ibindi Byifuzo byo Gusabira

Gushima no Guhimbaza: Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

Kwatura: Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw’imbabazi zayo.

Kuyoborwa: saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

Itorero ryacu: gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n’inzeho z’itorero ku isi.

Ibyifuzo by’aho dutuye: Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n’abaturanyi.

Tega amatwi kandi usubize: fata umwanya wo kumva ijwi ry’Imana kandi usubirishye guhimbaza cyangwa indirimbo.

Indirimbo Mwifashisha:

Shaka Gutungana (#28)

Ngwino Soko y’Umugisha (#52)

Hariho icyo Nkwaka Mwami (#54)

Habuka Wa Mpabe We (#282)

Reka Yesu Yinjire Mu Mutima Wawe (#301)

IBY'IBANZE BYO KWIZERA

UMUNSI WA KABIRI – AKAGA KO GUHUGIRA MU BY'IMANA

“Nuko intumwa ziteranira aho Yesu ari, zimubwira ibyo zakoze byose n’ibyo zigishije. Atazibwira ati ‘Muze mwenyine ahiherereye, aho aabntu bataba muruhuke ho hato.’ Kuko hari benshi banyuranamo bikaba ari urujya n’uruza, babura uko barya. Bagenda mu bwato bajya aho abantu bataba ngo biherere” (Mariko 6:30-32).

Guhugirana mu Murimo w’Imana

Guhugira mu kazi ni byo byabaye umutware w’isi yacu. Sosiyete z’iki gihe no gukora ubutitsa abantu bashakisha ibizanira inyungu byatumye dutwarwa twese n’iyi myizerere: uko turushaho guhugirana mu kazi, niko turushaho kuba abantu bubashywe. Guhugira mu kazi byabaye ikimenyetso cy’umwete wacu no gushaka gukora neza ngo tujye mbere. Nyamara mu gihe duhibikana dukora cyane ngo *tubone ibitubeshaho*, twibagiwe *kubaho* no kugira ibyishimo by’ubuzima, ibyo rero bikaba ari akaga. Ahari ndetse akaga karushaho kuba kabi ni ingorane itagaragara benshi mu bayoboke ba Kristo barimo, yo kugira imyumvire igendana no guhugirana mu murimo bakorera Imana. Kenshi koko tuwukora bitewe n’impamvu zishoboka ko ari nziza cyane. Tuzirikana ko igihe ari kigufi; tugashaka gukorera Imana byinshi bishoboka. Ibyo rero bikadutera guhora duhugiranye. Dushaka kuba ibisonga byiza by’igihe cyacu n’impano zacu. Twumva ko ari ntako bisa guhugira mu murimo dukorera Imana, kandi rimwe na rimwe tukibwira twishuka ko Imana izagororera uko guhugiranira mu murimo wayo, nyamara muri uko guhugirana turi mu murimo w’Imana, twibagiwe isano y’umubano wacu n’Umucunguzi wacu. Twihatira kugira akamenyero ko gukora ibyiza, ariko bidaturutse mu mbaraga za Mwuka Muziranenge. Maze uko turushaho guhuzwa n’akazi, niko twibwirako turi mu

murongo w'ubushake bw'Imana. Guhugirana bihinduka umurongo mushya. Duhinduka abantu bahugiranye tukishimisha muri uko guhugirana kwacu bigatuma twibagirwa ibihe bifitiye akamaro gakomeye imibereho yacu. Guhugirana bisenya ubuzima bwacu bw'iby'umwuka. Imibereho ya jugujugu ni umwanzi w'urukundo rw'imibanire yacu, cyane cyane imibanire yacu n'Imana ihoraho yo mu Byanditswe byera. Urukundo rudutegeka kurwitaho tukirinda imibereho ya jugujugu.

Inshingano yo Kuruhuka

Nta gushidikanya ko Imana ihora iturarikira mu Byanditswe byera guceceka, tugatuza, tukaba maso kugirango turebe icyo Izakorera ubwoko bwayo (2 Ngoma 20:17; Zaburi 37:7). Imana irarikira abana bayo kureka imibereho ya jugujugu. Izi neza ko mu buryo bwihuse tubasha kutayibona igihe imitima yacu yatwawe n'uruhūri rw'imirimu myinshi y'abantu.

Kimwe mu byigisho byiza cyane bitwereka akaga ko guhora duhugiranye mu murimo w'Imana tukibona igihe Umwami wacu Yesu yafataga umwanya wo kuruhuka mu murimo We yakoraga. Ellen G. White avuga neza kuri iyi ngingo y'umurimo wa Yesu yakoranaga n'abigishwa Be agira ati: “ Igihe cyabo cyose n'imbaraga zabo zose babikoreshaga mu kugeza ubutumwa ku bantu, ariko ibyo byananizaga imbaraga n'intekerezo byabo. Byari mu nshingano zabo kuruhuka.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 243 (2010).

Guhugirana byica imbaraga zacu z'umwuka n'imikorere yuzuye. Gukora ubudatuza ni umwanzi ukomeye w'urukundo dukunda Imana. Aho guhora twongera urutonde rw'ibyo tugomba gukora mu ndangaminsi yacu, nimureke twiyemeze kubigabanya maze dushake umwanya w'igihe gituje, gifite akamaro, kitugarurira imbaraga mu bugingo turi kumwe n'Umuremyi akaba n'Umukiza wacu.

Nimureke dufate umwanya wo gusengera hamwe.

Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)

Ijambo ry’Imana Dusengera – Mariko 6:30-32

“Nuko intumwa ziteranira aho Yesu ari, zimubwira ibyo zakoze byose n’ibyo zigishije. Atazibwira ati ‘Muze mwenyine ahiherereye, aho abantu bataba muruhuke ho hato.’ Kuko hari benshi banyuranamo bikaba ari urujya n’uruza, babura uko barya. Bagenda mu bwato bajya aho abantu bataba ngo biherere.”

“Muze Mwenyine Ahiherereye”

Data, twarahugiranye cyane dukora umurimo wawe ku buryo twibagiwe ko ari umurimo wawe. Turagushimiye kuba utwibukije ko dukeneye kuza ahiherereye, tukaruhuka, tugahumeka. Turagushimira ko tutari imashini, ahubwo turi abantu. Tubabarire aho twahugiye mu mirimo yacu tukayigira ikigirwamana, cyangwa igihe twubakiraga agaciro kacu ku bintu byinshi twumva ko twagukoreye. Turakwinginze uduhindurire maze uguhugirana kwacu uguhinduremo gukiranuka. Kubwa Yesu, Amen.

“Aho Abantu Bataba”

Mana, twizirikiye mu rusaku rwinshi, mu bintu byinshi, mu biturangaza byinshi. N’igihe twagiye tumara dukora imirimo y’itorero cyangwa indi mirimo yacu, turemera ko dukeneye rwose gutera intambwe maze tugafata igihe cyo gutekereza no kuruhuka turi ahandi hantu tukava mu ruhugirane rw’imirimo y’ubu buzima. Nyabuneka duhe ubuntu dukeneye butubashisha kubona igihe cyo kwiherera twenyine turi kumwe nawe buri muni, tugahumeka, kandi tugahanga amaso ibifite akamaro kurusha ibindi, mu Izina rya Yesu, Amen.

“Muruhuke ho Hato”

Yesu Mukunzi wacu, igihe wagendagenda kuri iyi si, wasobanukiwe ko mwenemuntu akeneye kuruhuka. Tugushimiye kuba waraduhaye urugero rwo kugira imibereho yuzuye tugomba kubaho. Twereke uburyo bukwiriye dukwiriye kuruhuka n’uburyo tubasha kuruhuka buri gihe kugira ngo dusubizwemo imbaraga kandi turushaho kuguhanga amaso, tubisabye twizeye Izina ryawe, Amen.

Ibindi Byifuzo byo Gusabira

Gushima no Guhimbaza: Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

Kwatura: Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

Kuyoborwa: saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

Itorero ryacu: gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzego z'itorero ku isi.

Ibyifuzo by'aho dutuye: Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

Tega amatwi kandi usubize: fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirishe guhimbaza cyangwa indirimbo.

Indirimbo Mwifashisha:

Ndi mu Murima (#236)

Ahari Uburuhukiro (#209)

Yesu ni Umukiza Wanjye (#284)

Yesu Mukunzi Wanjye (#59)

IBY'IBANZE BYO KWIZERA

UMUNSI WA GATATU – UMUGISHA WO GUTEGEREZA

“Nimworoshye, mumenye ko ari Jye Mana” (Zaburi 46:10)

Ibyiza Bibiliya Itwigisha byo Koroshya/Kugenda Buhoro/Gutuza

Mu bihe turimo by'ibihe bihora bihindagurika n'urusaku rwinshi, nta kintu gikomeye kuruta umutuzo no guceceka. Mu mibereho y'iki gihe turimo yo gucuragana muri byinshi, ibyihutirwa dusabwa gukora buri muni bidasaba kubihugiraho. Twimenyereje mu bwenge bwacu ko ibintu bigomba gukorwa huti huti ku buryo bushoboka bwose. Twibagiwe uburyo bwo gutegereza twihanganye, kandi uku kutihangana bibasha kuzanira ingaruka zikomeye urugendo rwacu rw'iby'umwuka. Ibirangaza amaso n'amajwi menshi atwisukiranyamo muri iki gihe cy'imbaraga rukuruzi zirenze urugero bituma twumva bidukomereye koroshya no gutuza.

Kwimenyereza gutegereza mu ituze maze intekerezo zacu tukazishyira mu by'Imana mu gihe tuvugana n'Imana bibasha kumera nk'ikintu kidasanze kuri benshi muri iki gihe, ariko uyu ni umuco w'ibyiza Bibiliya itwigisha dukeneye gukangukira. Komotana n'Imana bidusaba kwimenyereza kugira umwanya utuje utarimo ibyihutirwa ishyano ryose kandi tukamenya kurinda icyo gihe dufitanye n'Imana. Koroshya, tukicara tugatuza, tugahumeka, tukiyibutsa uko Imana itwitaho, gutegereza twihanganye, kandi ntitubabazwe n'uko Imana idahise isubiza amasengesho yacu, ni byo bikorwa by'ingenzi dukeneye guhora twimenyereza.

Inyungu zo Gutegereza

Mu Byanditswe byera hose, tubona abantu b'Imana baranzwe no gutegereza bihanganye. Akenshi abanditsi ba Bibiliya bagaragaje uko gutegereza kwabo muri iki kibazo: "Bizageza ryari Mwami?" (Habakuki 1:2; Danieli 8:13). Nta byiringiro hatabayeho gutegereza (Tito 2:13). Nta gushikama hatabayeho gutegereza (Abaroma 5:3, 4). Nta kwihangana hatabayeho gutegereza (Ibyahishuwe 14:12). Nta kwifuza hatabayeho gutegereza (Zaburi 42:1). Nta buzima hatabayeho gutegereza.

Nta mateka ya mwenemuntu hatabayeho gutegereza. Gutegereza ni umugabane wo kubaho kwa muntu.

Mu gihe dutegereje, kenshi duhanga amaso ku bibazo bidashimishije tukiringira ko bizashira. Nyamara gutegereza ntibivuga ko twiyicarira ntacyo dukora, maze tukiringira ko ibyo bihe tunyuramo bidashimishije bizarangira. Mu myumvire ya Bibiliya, umugambi w'ibanze wo gutegereza ugamiye kutuzanira umucyo wo kumenya uwo ndiwe no kumenya uko mpinduka igihe ntegereje. Imibereho nyuramo ntegereje intera kurwana no gufata icyemezo cy'ingenzi mu by'umwuka kimeze gutya: mbese iyo ntabashije kwihangana kandi ngashidikanya aho sinivovotera kugiraneza kw'Imana n'ubushobozi bwayo? Cyangwa nemera ko mu gihe ntegereje, mba mpuye n'amahirwe adasanze azamfasha guhinduka umuntu Imana yifuza kuba? Imibereho yo gutegereza impindura umuntu ntashoboraga kuba ndiwe iyo bitagenda bityo.

Igihe tubibona dutyo, gutegereza bitubera inzira Imana ikoresha ngo iduhindure, ikaduhindura ikurikije ubushake bwayo. Bityo, gutegereza ni igikoresho nyakuri cyo kugiraneza n'ubuntu Imana itugaragariza. Bidufasha kurushaho gusa n'Imana, ihora yihangana bikomeye, idashaka ko hagira n'umwe warimbuka nyamara abasha gukizwa.

Nimureke dusengere hamwe.

Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)

Ijambo ry'Imana Dusengera – Zaburi 46:10

“Nimworoshye mumenye ko ari Mana.”

“Nimworoshye”

Mana, twaranzwe n’ubuzima bwo kudatuza. Twihinduye abantu bahora bahugiranye kandi badatuje, twibwira ko turamutse tutabayeho gutyo, nta gaciro twaba dufite. Nyabuneka Mana dukeneye ko udufasha gutuza, tukiga koroshya. Intekerezo zacu zuzuwemo n’iby’imibereho twifuza kugeraho ituma dukora nk’abasiganwa ngo tugere ku bintu. Dufashe kwishimira umuco wo gutuza no kubona umugisha biduha. Vugana n’imitima yacu utubwire uti, “Nimworoshye.” Tubisabye mu Izina rya Yesu, Amen.

“Mumenye ko ariye Mana”

Yesu Mwiza, kuba uri Imana n’Umwami wacu bifitiye imibereho yacu ibintu byinshi bikomeye. Nyamara kandi tugira intege nke zo kukwemerera ngo ube Umwami w’imibereho yacu. Dukeneye kwitegeka, kandi dusa nk’aho tutabasha kureka ibyo dukora. Twigishe ko Wowe wenyine, Umuremyi Ushoborabyose, umugenga w’ibihe byose, uri Umwami wacu; Ko ari wowe ubasha kuyobora imigambi yacu ukayigeza aho tutabasha kwibwira niba twemeye gutuza, tugategereza, kandi tukamenya uwo uriwe mu mibereho yacu, tubisabye mu Izina ryawe ryiza, Amen.

Ibindi Byifuzo byo Gusabira:

Gushima no Guhimbaza: Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

Kwatura: Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw’imbabazi zayo.

Kuyoborwa: saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

Itorero ryacu: gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n’inzego z’itorero ku isi.

Ibyifuzo by’aho dutuye: Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n’abaturanyi.

Tega amatwi kandi usubize: fata umwanya wo kumva ijwi ry’Imana kandi usubirishye guhimbaza cyangwa indirimbo.

Indirimbo Mwifashisha:

Mb’Uwawe Mwami (#212)

Mutuze (#213)

Nkund’Ubucuti (#35)

IBY’IBANZE BYO KWIZERA

UMUNSI WA KANE – UMUDENDEZO URANGWA N’IMIBEREHO YOROHEJE

“Kandi nimwiyiriza ubusa ntimukabe nk’indyarya zigaragaza umubabaro, kuko bagaragaza umubabaro kugira ngo abantu babarebe ko biyirije ubusa. Ndababwira ukuri yuko bamaze kugororerwa ingororano zabo. Ariko weho niwiyiriza ubusa wisige amavuta mu mutwe, wiyuhagire mu maso, kugira ngo abantu batamenya ko wiyirije ubusa keretse So uri ahiherereye, kandi So ureba ibyihereye azakugororera” (Matayo 6:16-18).

Kwigomwa/Kwiyiriza Bitanga Umwanya wo Kubana n’Imana/Bifungurira Inzira Mwuka Wera

Uburyo bumwe bwo gufungurira imibereho yacu umwanya wo kubana n’Imana ni ukwiyiriza ubusa. Kwigomwa (kwiyiriza) bisobanuye gukura mu ntekerezo zacu n’ubuzima bwacu ibidakenewe cyangwa ibibiremereye tukiyemeza kuremera Mwuka Wera icyumba akoreramo muri twe maze tugahanga amaso Imana n’Ijambo ryayo. Kenshi Bibiliya ihuza kwigomwa (kwiyiriza) no gusenga. Yesu yarigomwaga (yariyirizaga) mbere y’uko atangira umurimo we yakoreraga abantu (Matayo 4:2; Luka 4:2). Intumwa zariyirizaga zikanasenga kugira ngo ziyoborwe n’Imana (Ibyakozwe 13:2, 3), kandi mu Isezerano rya Kera, kwiyiriza ubusa akenshi

byakorwaga n’abagabo n’abagore bizera (1 Abami 21:9, 12; 2 Ngoma 20:3; Ezra 8:21; Esiteri 4:3, 16; Yesaya 58:6; Yereimiya 36:9; Daniyeli 9:3; Yoweli 2:12; Yohana 3:5; n’ayandi).

Ibinyuranye no kwiwiriza kwiza, kwiwiriza kuvugwa na Bibiliya si ukubahiriza imirire runaka ituma dutakaza ibiro n’uko twari tumeze. Ahubwo, ni icyemezo dufata twagitekerejeho cyo kwigomwa ibyokurya n’ibindi biduhuza tugafata igihe cyo gusenga no gusabana n’Imana. Iyo turetse ibyo dusanzwemo mu gihe runaka, twunguka umudendezo mushya w’ibya Mwuka. Mu gihe cyo kwigomwa no gusenga, iby’imibereho yacu imenyereye birahinduka: tureka guhaza ibyifuzo byacu, tureka imirimo yacu bwite, maze tugategera amatwi Imana. Kwiwiriza kuvugwa na Bibiliya gusobanura kwiyongera kw’ibyifuzo byacu byo gukenera Imana no kwita ku bya Mwuka bifite agaciro kanini. Ibi bikubiyemo ibirenze kutarya; mu kuri, biteza ikibazo buri mibereho y’ubuzima bwacu. Mu kwigomwa kurya, tugaragaza ko dushaka guha umwanya Imana tugabanya ibiduhuza byose biba byuzuye mu ntekerezo no mu byifuzo byacu. Twerekana ko dushaka kandi duha agaciro kuba imbere y’Imana mu buzima bwacu kuruta ikindi kintu cyose.

Kwirinda no Kugumana

Ni buryo ki twabaho iyi mibereho yoroheje, aho twiga gushimikira tukagundira ibifite agaciro by’ukuri? Nk’uko dukenera kwitegereza ibyo turya, tugomba no gushyira ubwenge ku byo duhanga amaso yacu n’ibyinjira mu matwi yacu. Iyo twumva bigira ingaruka ku ntekerezo zacu kimwe rwose n’ibyo tureba. Ni ubuhe bwoko bw’imiziki, ibitabo, ibinyamakuru, cyangwa imbugankoranyambaga bituzanira intekerezo zanduye cyangwa bikadutwara igihe cyacu mu bitagira

umumaro? Ikiyongera ku kwirinda ibintu runaka, ukeneye no kugumana akamenyero gashya kagufasha kubaka no kugira intekerezo nzima ziguwe neza.

Imibereho yoroheje, intekerezo zituje, ntibizanwa no gukurikiza iby’isi idusaba. Umutima uguwe neza uzanwa no kwiringira Imana. Iyo twimenyereza kubana na Yo, aho kuba mu by’abandi babamo, kandi tukimenyereza kwitandukanya n’ibiduhaza, tugera ku buzima bworoheje kandi tukabana amahoro n’Umuremyi n’Umucunguzi wacu.

Nimureke dusengere hamwe.

Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)

Ijambo ry’Imana Dusengera – Matayo 6:16-18

“Kandi nimwiyiriza ubusa ntimukabe nk’indyarya zigaragaza umubabaro, kuko bagaragaza umubabaro kugira ngo abantu babarebe ko biyirije ubusa. Ndababwira ukuri yuko bamaze kugororerwa ingororano zabo. Ariko weho niwiyiriza ubusa wisige amavuta mu mutwe, wiyuhagire mu maso , kugira ngo abantu batamenya ko wiyirije ubusa keretse So uri ahiherereye, kandi So ureba ibyihereye azakugororera.”

“Nimwiyiriza Ubusa”

Dusenge: Data Udukunda uri mu ijuru, tugushimiye ko uduha ibintu byose dukenera. Mu kugira byinshi kandi birenze, akenshi twibagirwa ko ibintu byinshi atari byiza. Mwami, kwigomwa ntibipfa kwizana, none rero turagusaba imbaraga ivuye iwawe kugira ngo tubashe guhitamo kwigomwa no kwirinda ikintu cyose kitugirira nabi, cyaba ibyokurya, umuziki, filimi, gucuruza, n’ibindi. Nanone, utwereke uburyo tubasha kuba abantu baha agaciro ibikwiriye maze twirinde ibidafite agaciro. Udufashe guhitamo kubaho imibereho yuzuye kandi iguwe neza, mu izina rya Yesu, Amen.

Nk'indyarya

Ooo Mana, dukeneye impinduka mu mitima yacu. Tubabarire uburyarya bwacu, mu byo tuvuga, mu byo twigisha, n'ibyo tubwiriza binyuranye n'imibereho tugaragaza. Turashaka ko ibyo tugukorera biba biturutse ku mutima wakwiyeguriye, umutima ukorehwa n'urukundo, umutima wahinduwe mushya n'imbabazi n'ubuntu bwawe hamwe no gukomeza kubana na Mwuka Muziranenge. Dufashe kugira ngo kwigomwa kwacu n'indi mirimo yacu yose y'iby'umwuka hamwe n'imirimo yacu isanzwe bigaragaze ko uri mu mitima yacu, tubisabye mu izina rya Yesu, Amen.

Ibindi Byifuzo byo Gusabira:

Gushima no Guhimbaza: Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

Kwatura: Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

Kuyoborwa: saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

Itorero ryacu: gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzeho z'itorero ku isi.

Ibyifuzo by'aho dutuye: Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

Tega amatwi kandi usubize: fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirishye guhimbaza cyangwa indirimbo.

Indirimbo Mwifashisha:

Yesu Nd'Uwawe Nyakira/Nguhaye Byose (#25)

Mpisemo Umukiza Yesu (# 295)

Shaka Gutungana (# 28)

IBY'IBANZE BYO KWIZERA

UMUNSI WA GATANU – KURANGAMIRA IBIFITE AKAMARO MU MASENGESHO YACU

“Nuko musenge mutya muti ‘Data wa twese uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe , Ubwami bwawe buze, Ibyo ushaka bibeho mu isi, Nk’uko biba mu ijuru” (Matayo 6:9, 10).

Icyerekezo Gishya mu Masengesho Yacu

Kurangamira ku Mana no ku bintu bifite akamaro ni ingenzi mu masengesho yo mu mibereho yacu. Akenshi amasengesho yacu aba yoroheje adafite imbaraga kuko aba akubiye ku narijye. Dusaba Imana ibyo tuba twifuzaga ko iduha. Turangamira ku byifuzo byacu n’ibibazo duhura na byo aho kurangamira ku Mana.

Isengesho rishimisha Imana rigira icyerekezo gishya. Icy’ingenzi ntikiba kikiri “urutonde rw’ibyo dushakaga guhabwa” ahubwo kiba ari Imana. Iki cyerekezo ni urufunguzo rwo kwimenyereza amasengesho mashya. Isengesho rishimisha Imana bwa mbere ryemera Imana nk’incuti yanjye ikiranuka kandi ubucuti bwayo akaba aribwo nshaka kuko imbereye inkoramutima, atari uko hari ikintu nyishakaho. icyo imbereye cyo, nicyo cy’ingenzi cyane kuruta ibintu impa. Nshaka kuvugana na Yo mbere ya byose kugira ngo nyimenye. Idahari, nta cyerekezo gikwiriye ubuzima bwanjye bwagira. Ikiruta ibyo nasaba byose ni icyifuzo cyo kubana na Yo. Kubana na Yo no kuyimenya ni byo bihinduka urufatiro rw’isengesho nyakuri.

Isengesho Rishingiye ku Mana Rirahindura

Isengesho rishimisha Imana ritangirana n’icyifuzo cyo kubana na Yo. Ntiritangirana n’ibyifuzo byanjye n’ibyo nkeneye. Igihe amasengesho yanjye adakubiyemo iyo sano y’urukundo mfitanye na Yo, aba azenguruka kuri jyewe kurusha kuba ashingiyeye ku Mana n’ubushake bwayo. Igihe maze gusobanukirwa ko isano yanjye n’Imana ariyo pfundo ry’isengesho, ibyo nyisaba bigira icyerekezo gishya. Ntangira gutekereza no gusenga bivuye ku cyerekezo cy’Imana. Ntangira kubona ibyo nsaba, ibyifuzo byanjye, ibyo nkeneye kubona, n’imibereho yanjye yose mu mboni

y'amaso yayo. Iki cyerekezo giha agaciro isengesho. Iyo isano ikowe mu masengesho yanjye, ayo masengesho ahinduka ay'uruhande rumwe, ayo kwikunda, amasengesho apfuye. Isengesho rishingiye ku Mana rituma intekerezo zanjye zitihugiraho. Rituma mba umunyakuri imbere y'Imana. Mu mucyo w'urukundo rwayo no kwera kwayo, ntangira kwibona ubwanjye ku buryo butandukanye n'uko bisanzwe. Umugambi nyakuri w'isengesho si ugusohozza ibyifuzo byanjye ahubwo ni ugushimangira isano yanjye n'imbaraga ihindura y'Imana. Biroroha gusaba Imana ikintu mbere y'uko nabanje kwishimira ubufatanye bwayo.

Igiye ntekereza ku mico y'Imana, ibiyiranga, n'ibyo ishobora gukora, maze nkayiramya nkoresheje amagambo yanjye, amasengesho yanjye yuzura imbaraga y'umwuka, icyubahiro, n'igitinyiro. Amasengesho yanjye ntaba akirangwa no kwikubiraho ahubwo aba yerekeye ku Mana, ari Yo Mwami w'ibyo nkeneye byose. Isengesho nk'iryo riranzamura rikangeza imbere yayo. Ntirihindura Imana; rirampindura. Kuki se tutatangira kujya dusenga muri ubwo buryo? Bizahindura ubuzima bwacu.

Nimureke dusengere hamwe.

Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)

Ijambo ry'Imana Dusengera – Matayo 6:9, 10

“Nuko musenge mutya muti: ‘Data wa twese uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe. Ubwami bwawe buze, ibyo ushaka bibeho mu isi nk’uko biba mu ijuru.’”

“Data wa Twese Uri mu Ijuru, Izina Ryawe Ryubahwe”

Data udukunda uri mu Ijuru, ni wowe Mana. Ushoborabyose, Uzibyose, Uri igitangaza, urahebuje. Uhebuje mu bwiza kandi Urarenze. Uri Ukuri, Gukiranuka, n'Urukundo. Turifuza kukumenya biruseho. Twifuza buri munsu kwishimira imico yawe, ubushobozi bwawe, uko uteye, n'ubushake bwawe. Dukize ukwikunda

kwatuziritse, maze amasengesho yacu abe ari Wowe gusa ahugiraho, mu Izina rya Yesu, Amen.

“Ubwami bwawe Buze, Ibyo Ushaka Bibeho”

Mwami Imana, ubwami bwawe ni bwo buyobozi bwonyine dushaka kuyoboka n’umutima wacu wose. Ubwami bwawe ni ubw’urukundo, ukuri, ubutabera, no gukiranuka. Ibitekerezo byacu, imigambi yacu, n’imigirire yacu ntibitunganye, ariko ubushake bwawe buhora butunganye. Uzuzwa ubwami bwawe mu mitima n’imibereho yacu uyu muni. Utwimenyeshye tukumenye, mu Izina rya Yesu, Amen.

Ibindi Byifuzo byo Gusabira:

Gushima no Guhimbaza: Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

Kwatura: Fata iminota mike yo kwatura wenyine wihereye kandi ushimire Imana kubw’imbabazi zayo.

Kuyoborwa: saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

Itorero ryacu: gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n’inzego z’itorero ku isi.

Ibyifuzo by’aho dutuye: Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n’abaturanyi.

Tega amatwi kandi usubize: fata umwanya wo kumva ijwi ry’Imana kandi usubirisha guhimbaza cyangwa indirimbo.

Indirimbo Mwifashisha:

Ur’Uwera Wera (#200)

Uhoraho Iyo Nitegereje (#274)

Gihe Cyiza cyo Gusenga (#89)

Muramye Umwami (#86)

Mwese Musingize Umwami (#83)

Mw'Ijuru no mu Isi Yose (#190)

IBY'IBANZE BYO KWIZERA

UMUNSI WA GATANDATU – UBUTWARI, UMWETE, NO KWIHANGANA

“Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari” (Abagalatiya 6:9).

Ubutwari mu by'Umwuka

Ubutwari ni ikintu akenshi tudakunze guhuza n'iby'umwuka. Ariko ni ikintu cy'ingenzi tumaranira kugeraho buri muni ngo tugere ku mibereho iboneye nk'uko tugiharaniye no mu zindi nzego z'ubuzima, nko mu mikino no mu bihe duharaniye gutera imbere mu mirimo yacu dukora. Nta butwari, nta ntsinzi yaboneka. Ubutwari ni umwete no kwihangana kugira ngo tugere ku ntego idushishikaje cyane. Kugirango tugere ku ntego yacu, dutwaza ubuzima bwacu ku buryo nta kintu kidukoma mu nkokora. Dukenera bene ubwo butwari mu rugendo rwacu rw'ibya Mwuka tugendana n'Imana, kandi tukabukenera by'umwihariko mu mibereho yacu yo gusenga. Akenshi, ntitubona ibisubizo by'ibyifuzo by'amasengesho yacu kuko tutihangana mu masengesho dusenga. Ahari tugira ibindi biduhuzira cyangwa tugacika intege, cyangwa imitima yacu ikadohoka maze ntitwizere ko Imana ibasha kutwumva no kudusubiza mu buryo burenze kure ubwo twiyumvisha. Muri Luka 18, Yesu yabwiye abigishwa be igitekerezo cy'umupfakazi watitirije maze icyifuzo cye akigeza ku mucamanza utubaha Imana. Nubwo uyu mucamanza atubahaga Imana cyangwa ngo yite kuri uwo mugore, yaje gusubiza icyifuzo cy'uyu mupfakazi kubera gutitiriza (kwihangana) kwe (Luka 18:1-7). Imana nyamara ntabwo yirengagiza ngo ibe ntibindeba ku masengesho yacu n'ibyifuzo byacu nk'uwo mucamanza udakiranuka. Imana iba yifuzaga kudufasha cyane kurenza ndetse uko tubasha kubyumva (Yeremiya 33:3).

Icyo dukeneye uyu muni, haba mu gushyingiranwa kwacu, mu byumba by'amashuri no mu macumbi y'abanyeshuri, mu matorero yacu no mu ngo zacu, ni abantu basenga. Atari abavuga gusa amasengesho, abavuga ko bizera isengesho, cyangwa n'abashobora gusobanura neza iby'amasengesho. Mu by'ukuri, dukeneye abantu bafata igihe bagasenga!

Ubudacogora

Imana ntikorera ku byihuta no ku by'agaciro gake. Inshuro nyinshi, mu ntambara ikomeye hagati y'Imana na Satani, dukeneye amasengesho y'ubudacogora. Tugomba kugira umwete ntitudohoke mu masengesho yacu kuko akenshi ingengabihe y'Imana itagendana n'ubwenge bwacu nk'abantu. Ni gake Imana yihanganira inzira y'abanebwe igihe igomba gutanga ibisubizo mvajuru. Ntishimishwa n'ibisubizo byorosheje ahubwo yishimira ibisubizo byiza cyane. Mureke amasengesho yacu ye kuba ayo kwishimira ibyoroheje cyangwa ngo abe ay'intego zoroheje. Imana yishimira kubona dusenga amasengesho adacogora, y'ubutwari.

Mu cyumba cyo kwigiramo cya papa, wari umuvugabutumwa n'umupastoro w'umuhanga, yari afite inyandiko ya Ellen G. White yankoze ku mutima igira iti: "Intsinzi ikomeye ku itorero cyangwa ku Mukristo ntabwo ari ikomotse ku mpano afite, ku mashuri, ubukungu, cyangwa kugirirwa neza n'abantu. Ahubwo ibonerwa mu cyumba cyo kwihereraniramo n'Imana" ([Abakurambere n'Abahanuzi, p. 160-161, ingeri y'umwaka wa 2016](#)).

Nimureke dusengere hamwe

Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)

Ijambo ry'Imana Dusengera – Abagalatiya 6:9

“Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari”

“Twe gucogorera gukora neza”

Mwami Yesu, ni Wowe urusha bese kudacogora mu isanzure ryose. Ntiwigeze ucogora mu murimo wawe wo kutuvuganira no kudutabara. Nubwo Satani n’abanyabyaha bagerageje kukurwanya, ariko uhora udahinduka, ukomeza kudukunda, waratwitangiye. Uri umunyacyubahiro, Mana. Twigishe uko kwihangana mu by’umwuka, kutirebaho, cyane cyane mu mibereho yacu yo gusenga. Uduhindure intwari mu gusenga, zitajya zicogora, mu izina ryawe, Amen.

“Kuko igihe nigisohora tuzasarura”

Mana yacu idukunda, turaguhimbariza ko utwemerera gufatanya nawe mu murimo wawe wa hano kuri uyu mubumbe. Tugushimiye ibyishimo tubonera mu murimo wawe n’ibyishimo tubonera mu kuzana abantu kuri wowe. Rimwe na rimwe twumva ducitse intege ndetse tukumvako tugiye kudohoka, ariko turagusaba ngo uduhe imbaraga zo kudacogora n’ubutwari mu by’umwuka dukeneye ngo dukore umurimo waduhamagariye gukora. Tugushimiye ko uzabiduharamo umugisha kandi tukabona imbuto z’uwo murimo wahawe umugisha. Mu izina rya Yesu, Amen.

Ibindi Byifuzo byo Gusabira:

Gushima no Guhimbaza: Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

Kwatura: Fata iminota mike yo kwatura wenyine wihereye kandi ushimire Imana kubw’imbabazi zayo.

Kuyoborwa: saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

Itorero ryacu: gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n’inzego z’itorero ku isi.

Ibyifuzo by’aho dutuye: Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n’abaturanyi.

Tega amatwi kandi usubize: fata umwanya wo kumva ijwi ry’Imana kandi usubirishe guhimbaza cyangwa indirimbo.

Indirimbo Mwifashisha:

Kor’Ugifite Uburyo (#81)

Tubane n’Umwami (#40)

Mukiza Ndamaramaje (#144)

IBY’IBANZE BYO KWIZERA

UMUNSI WA KARINDWI – AGACIRO KO KUGIRA NEZA

“Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana.”
(Yohana 13:35).

Umuco Tumenyerwaho

Uramutse uzibukirwa ku ngeso imwe y’umuco wawe, ku iherezo ry’ubuzima bwawe, yaba iyihe? Niba hari ingeso yakugaragaza kandi ukaba ariyo uha agaciro cyane, wahitamo iyihe? Ushobora gutanga ibisubizo byinshi, ariko hari kimwe mu biranga imico y’Imana gikwiriye kuturanga twese mu mibereho yacu yose. Muri Tito 3:4, Bibiliya itubwira ko kugira neza kw’Imana, Umukiza wacu, byatubonekeye ubwo yadukirishaga urukundo rwayo.

Kugiraneza! Ubugiraneza bw’Imana. Kugiraneza ni ururimi ruri ku isi yose, rwumvikana mu bakuze n’abato, abakire n’abakene, abagabo n’abagore, abafite ubumuga bwo kutumva n’abafite ubwo kutabona. Kugiraneza ntibigira umupaka w’ururimi. Bifite irarika rikwira ahantu hose, kimwe n’umuziki. Kumwenyura bya gicuti, ikiganza kiramburirwa gufasha, guterwa inkunga mu gihe twacitse intege, n’ijambo ryo gukomezwa – byose ni inzira imwe itworohereza ibibazo imibereho ikarushaho kwihanganirwa. Kugira neza ntibidusaba byinshi, ahubwo bishobora kuzana impinduka ikomeye mu mibereho y’abakugirirwa, no mu mibereho y’abagusangira n’abandi. Kugira neza ni imibereho izana intsinzi mu bihe byose.

Umukristo Ukundwa

Yesu yamenye ko ubugira neza bw'abayobo be buzaba igihamya gikomeye cyo kwizera kwabo. Mbere gato yo kugambanirwa no gupfa kwe, nyuma yo koza abigishwa be ibirenge, Yesu yarababwiye ati, "Ibyo nibyo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana" (Yohana 13:35). Ellen G. White yasongeye ayo magambo agira ati: "Igihamya kirusha ibindi gukomera kivugira ubutumwa bwiza ni Umukristo wuje urukundo kandi ukundwa" (*The Ministry of Healing*, p. 470). Iyo tugaragariza abandi ubugiraneza, urukundo rwacu rubasha kugera ku mitima mu buryo bwihariye burenze imipaka y'iyobokamana, ubwoko, n'inzeho z'ubusumbane. Niringira rwose ko Imana yaturemeye icyifuzo cyo kwakira no gutanga ubugiraneza, kuko iyo dukoze ibyo tuba twerekanye imico y'Imana dusenga. Muri Yona 4:2 dusoma ko Imana ari inyabuntu n'inyambabazi, itinda kurakara, akagira kugiraneza kwinshi. Insanganyamatsiko yo kugiraneza kwinshi yuzuye muri Bibiliya yose, mu Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya.

Ibikorwa byacu by'ubugiraneza bizanira abantu kugubwa neza n'ibyishimo ariko kandi bikananyura umutima w'Imana. Kugiraneza ntikwita ku bihe bibi tunyuramo cyangwa ku bandi bantu. Ahubwo, kwerekana imico y'Imana n'uburyo ikorana natwe. Nimureke tujye twita ku bifite akamaro mu buzima maze tumenywe nk'abantu barangwa no kugirira neza abandi bose.

Nimureke dusengere hamwe.

Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)

Ijambo ry'Imana Dusengera – Yohana 13:35

"Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana"

"Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye"

Mana, akenshi umurimo wacu wo kugeza ubutumwa ku bandi ntiwuzuye! Twigisha iyobokamana, ubuhanuzi, amahame shingiro, imyitwarire n'ubuzima bwiza, n'ibindi...ibyo twabigize iby'ibanze. Nubwo ibi bintu ari byiza, ari ukuri, ar'ingenzi,

kandi bikagira uruhare n’umwanya w’ingenzi mu Bukristo bwacu, watwigishije kubaho imibereho irangwa n’urukundo kuko arirwo ruhishura ukuri. Dufashe kugira imibereho irangwa n’urukundo no kugira neza bihurijwe mu kuri, nk’uko aribyo bikuranga ibihe byose, mu izina rya Yesu, Amen.

“Nimukundana”

Yesu dukunda, tubabarire kubwo kubura urukundo kwacu. Mu kuri ntitwasobanukiwe n’urukundo rw’ i Kaluvari. Tubabarire kubw’ibyo buri muntu atekereza kuri mugenzi we, n’ibyo tubwirana, n’uburyo buri wese afata mugenzi we. Turakwinginze Mwami utwuzuze urukundo rwawe mvajuru. Tugire ba ambasaderi b’urukundo no kugira neza. Reka abantu babone Yesu muri twe n’uburyo tubanye hagati yacu. Duhe imbuto za Mwuka mu mibereho yacu, kuko tubigusabye mu Izina ryawe, Amen.

Ibindi Byifuzo byo Gusabira:

Gushima no Guhimbaza: Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

Kwatura: Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw’imbabazi zayo.

Kuyoborwa: saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

Itorero ryacu: gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n’inzego z’itorero ku isi.

Ibyifuzo by’aho dutuye: Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n’abaturanyi.

Tega amatwi kandi usubize: fata umwanya wo kumva ijwi ry’Imana kandi usubirishye guhimbaza cyangwa indirimbo.

Indirimbo Mwifashisha:

Urukundo rwa Yesu (#15)

Njye Nsingiza Urukundo (#17)

Intama Mirongo Cyenda n'Icyenda (#279)

Ndagukunda Mwami (#165)

Amagambo y'Umujinya (#156)

IBY'IBANZE BYO KWIZERA

UMUNSI WA 8 – KWIMENYEREZA IMIBEREHO ISHIMA

“Ni cyo gituma ubwo twakira ubwami butabasha kunyeganyezwa, dukwiriye gukomeza ubuntu bw’Imana kugira ngo tubone uko dukorera Imana nk’uko ishaka, tuyubaha tuyitinya.” (Abaheburayo 12:28).

Imibereho yo Guhamya

Hariho imibereho Imana ijya ibona ko ari iy'agaciro cyane. Bibiliya idushishikariza kenshi kugira imibereho nk'iyoy, kubera ko Imana iyishimira kandi ikatubera iy'umugisha. Iyi mibereho ni iyoy gushima. Mu gitabo cy'Abaheburayo hatubwirako ngo, “Ni cyo gituma ubwo twakira ubwami butabasha kunyeganyezwa, dukwiriye gukomeza ubuntu bw’Imana kugira ngo tubone uko dukorera Imana nk’uko ishaka, tuyubaha tuyitinya” (Abaheburayo 12:28). Imana inezezwa n'imibereho ishima ndetse iyi mibereho izana impinduka nziza mu buzima bwacu, kubera ko idufasha kwibanda ku byiza. Kimwe n'umusokoro w'amagufa, iyi mibereho nayo irushaho gukomera iyoy uyitoje, ukabikora wishimira imigisha ufite.

Imana ihamagarira abana bayoy kuba abantu bashima. Mu 1 Abatesalonike 5:8, intumwa Pawulo yaranditse itoy, “Mu bibahoy byoye muhore mushima, kuko ari byoy Imana ibashakahoy muri Kristo Yesu.” Gushimira bisobanura kwibuka ko hari umuntu wadukoreye ikintu cyiza, bitoy tukagaragaza ko tumushimira tubikoresheje amagambo meza atuvuye ku mutima. Kwitoza kugira imibereho ishima biduhumura

amaso tukabasha kubona ibyiza mu byaremwe ndetse no mu bandi bantu. Imibereho ishima itubashisha kwishimira imwe mu migisha yoroheje tubona, tutiteze ko yaba itunganye. Ibi ni ingenzi cyane kubera ko kuri icyi gice cy'ubuzima bw'iyi si tubamo, ubuzima ntibuzigera burangwa n'amahoro. Ariko ubuzima ntibugomba kuba butunganye kugira ngo tubwishimire! Ubwiza butugeraho kandi tukabubona mu buryo bwinshi. Impumuro nziza y'ururabo, ubwiza bw'ikirere cy'inyenyeri mu ijoro ritamurutse, urukundo rurabagirana mu maso y'inshuti—byose bitwibutsa iby'ubwiza Imana yateguriye abayikunda.

Guhindura Imitekerereze Yacu

Iyo twitoje kugira imibereho ishima, bituma duhindura imitekerereze yacu, tukareka kwibanda ku byo dutekereza ko tudafite, ahubwo tukibanda ku migisha nyakuri dufite. Kugira imibereho ishima biva ku kumenya ubuntu bw'Imana ndetse no gushishikazwa no kumenya uburyo butandukanye itugaragarizamo urukundo rwayo. Imibereho nk'iyi ishima ituma imibereho irushaho kuba myiza, ndetse igatuma turushaho kugira ibyishimo no kunyurwa.

Ubushakashatsi buherutse gukorwa bwagaragaje ko kugira imibereho ishima bitazana ibyishimo ku buzima bw'utanga hamwe n'uwakira gusa, ahubwo ko bishobora no kugirira akamaro n'abandi babireba. Kwitegereza igikorwa cyo gushimirana hagati y'abantu babiri bishobora gutuma ababitegereza babagirira urukundo rwinshi ndetse n'urugwiro, nkuko inkuru iherutse gusohoka mu kinyamakuru cya New York Times iherutse kubivuga. Ni kuki tutakurikiza ibyo Imana yaduhamagariye gukora: kwitoza kugira imibereho ishima izatuma habaho impinduka mu mishyikirano tugirana n'abantu badukikije, ikagenda irushaho kuba myiza, kandi isi ikarushaho kuba nziza. Warakoze Mana kubw'impano yo gushimira.

Mureke dusengere hamwe.

Igihe Amasengesho Amara: Iminota 30-45

Ijambo ry’Imana Dusengera – Abaheburayo 12:28

“Ni cyo gituma ubwo twakira ubwami butabasha kunyeganyezwa, dukwiriye gukomeza ubuntu bw’Imana kugira ngo tubone uko dukorera Imana nk’uko ishaka, tuyubaha tuyitinya.”

“Dukwiriye Kugira Imibereho Ishima”

Mana yacu yuje urukundo, turwana intambara yo kumenya uburyo twaguha ishimwe ku bw’ibyo wadukoreye byose. Ubuzima bw’iteka ntibuhagije ngo tuzaguhe ishimwe ukwiriye. Nyamara, turasenga ngo unezewe n’ishimwe ryacu. Turagusaba kandi ko wadufasha kureka ubwibone, gucira abandi imanza no kwishyira hejuru, kugira ngo tubashe kumenya imigisha dukwiye gushimira Imana. Tubashishe gufata umwanya wo kuguha ishimwe ndetse no gushimira abandi, kuruta uko tuvuga ibibazo byacu n’ibyifuzo byacu. Turememo imibereho nyakuri yo gushima. Amen.

“Ubwo Twakira Ubwami Butabasha Kunyeganyezwa”

Mwami, uri Imana igira ubuntu. Ntiwaduhaye agakiza ku kiguzi cy’iteka ryose gusa, ahubwo waduhaye n’ubwami bwawe. Ntitujya tumenya urugero rw’amahirwe ujya uduha. Turakwinginze ngo utwereke buri munsu amahirwe yo kuba umwana wawe. Turagushimira kubw’uru rukundo ruhebuje ndetse n’umugisha. Amen.

Ibindi Byifuzo byo Gusabira

Gushima no Guhimbaza: gushimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

Kwatura: Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw’imbabazi zayo.

Kuyobora: saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

Itorero ryacu: gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n’inzeho z’itorero ku isi (reba ibyifuzo byatanzwe byo gusengera).

Ibyifuzo byaho dutuye: Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n’abaturanyi.

Tega amatwi kandi usubize: fata umwanya wo kumva ijwi ry’Imana kandi usubirisha guhimbaza cyangwa indirimbo.

Indirimbo zizifashishwa

1. Wibuk’ Imigisha Wahawe (#230)

2. Dushim’ Imana (#27)

3. Shimwa Ntama Y’Imana (#343)

4. Urukundo Rw’Umukiza (#232)

IBY’IBANZE BYO KWIZERA

UMUNSI WA 9 – UMUGISHA W’ISABATO

“Nuhindukira ntukandagire isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku muni wanjye wera, ahubwo ukita isabato umunezero, umunsi wera w’Uwiteka ukawita uw’icyubahiro ukawubaha, ntube icyigenge ntiwishakire ibyo kwinezeza,

ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe, nuko uzishimira Uwiteka nanjye nzaguha kurambagira mu mpinga z'igihugu, kandi nzagutungisha gakondo ya sogokuruza Yakobo. Akanwa k'Uwiteka ni ko kabivuze.” (Yesaya 58:13, 14).

Ikimenyetso cy'Abo Turi Bo

Imwe mu migisha y'ingenzi cyane ku buzima bw'umuntu ni ikiruhuko cy'Isabato. Umunsi w'Isabato utwibutsa inkomoko yacu, kandi ko Imana ari Umuremyi wacu (Kuva 20:8-11). Nanone kandi, ni igihamba kigaragaza ubuntu bw'Imana, yo Mukiza wuje urukundo wakuye ubwoko bwayo mu buretwa (Gutegeka. 5:12-15). Ku bw'ibyo, kwizihiza Isabato ni ikimenyetso gikomeye kigaragaza abo turi bo nk'ibiremwa muntu (indangamuntu yacu). Indangamuntu yacu ntikomoka ku ntsinzi mu bukungu cyangwa umusaruro dutanga. Kuba turi abakozi cyangwa abakoresha kandi, sibyo bigaragaza abo turi bo. Isabato ni irarika ry'Imana ngo turuhukire muri Yo kandi twishimire ibyo yatangiye ubuntu.

Isabato, iyo isobanukiwe neza, ni umwitozo udutoza kutihuta. Itwigisha kuruhuka mu gihe turi mu bitwirukansa, mu byo dukora, ndetse no mu biduhesha inyungu. Ni itangazo ritangwa n'umutima wange ndetse n'ubwenge bwange buri cyumweru, ry'uko Imana ari iy'ingenzi cyane kuruta urutonde rw'ibyo ngomba gukora ndetse n'umusaruro w'ibyo nkora. Isabato inyereka impinduka mu byo nshyira mu mwanya wa mbere, ndetse ikagaragaza ubudahemuka bwange. Isabato imbashisha guturiza no kuruhukira imbere y'Imana. Isabato ituma nishimira isezerano ryayo ry'uko Imana Impagije. Nubwo kureka ibikorwa by'isi bituzanira inyungu ku Isabato ari uburyo bw'ingenzi bwo kugaragaza ko turi indahemuka ku Mana, kuruhukira mu rukundo rw'Imana n'uburinzi bwayo birenze kure cyane kureka gukora. Kuruhuka ku Isabato bisohozwa no kugirana umushyikirano wo gusabana kandi w'ingirakamaro hamwe n'Umuremyi wacu. Iyo twize kuruhukira mu kuri k'urukundo rw'Imana rutajegajega, kandi ineza yayo ikatubera intumbero yacu,

tubona ibyishimo, amahoro, ndetse tukagira ubushake bwo kuramya Imana binyuze mu mibereho yacu yose.

Bityo rero, kubahiriza Isabato mu munezero ndetse tudahemuka, bihinduka ikimenyetso gikomeye cy'abo turi bo ndetse n'Uwo dukomokaho. Kugira ngo umuntu agire imibereho y'iby'umwuka ku Isabato, agire ibihe by'amahoro, by'ibyishimo n'ituze, bisaba ibirenze kwirinda gukora ku muni wa karindwi. Bisaba gutegura ibintu byose neza, ibyo bikatwiteguza mu cyumweru cyose kugira ngo tuzashobore kubona umunezero w'Isabato. Muri ubwo buryo, Isabato ituma habaho imico igize icyo isobanuye, ibi bikagaragarira mu mibereho y'ubuzima itandukanye. Isabato iturinda gutwarwa n'ibintu ndetse n'ubutunzi by'isi. Aho kugira ngo duhatanire kurushaho kunguka byinshi mu kugira ububasha n'ubutegetsu, turarikirwa guhagaraga gato, tugaha Imana icyubahiro kubw'ineza yayo n'ubuntu bwayo. Ibi bihabanye cyane no kugira ubwibone kwacu ndetse no kwikunda. Iyo twubahirije Isabato, duhinduka abigishwa ba Yesu Kristo, we wubahirizaga Isabato nk'uko byari akamenyero ke (Luka 4:16).

Kweza Isabato, kuyitandukanya n'indi minsi, ndetse no kuyegurira Imana ku bw'umugambi wayo wihariye, bidufasha kwibanda ku bintu by'ingenzi mu rugendo rwacu rw'ibya Mwuka hamwe na Yesu. Isabato si umunsi wo kuryama no kureka kugira icyo dukora; ahubwo ni umunsi wo kuramya Imana nyakuri yonyine, bityo rero, bikaba ikimenyetso gifite ireme kigaragaza ko twahinduye imibereho yacu tukayerekeza ku Mana nzima ivugwa mu Byanditswe.

Mureke dusengere hamwe.

Igihe Amasengesho Amara: Iminota 30-45

Ijambo ry'Imana Dusengera – Yesaya 58:13, 14

“Nuhindukira ntukandagire Isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsu wanjye wera, ahubwo ukita Isabato umunezero, umunsu wera w’Uwiteka ukawita uw’icyubahiro ukawubaha, ntube icyigenge ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe, nuko uzishimira Uwiteka nanjye nzaguha kurambagira mu mpinga z’igihugu, kandi nzagutungisha gakondo ya sogokuruza Yakobo. Akanwa k’Uwiteka ni ko kabivuze.”

“Ita Isabato Umunezero”

Data, mbega impano itangaje waduhaye mu Isabato. Turagushimira ko tutagenewe kugira imibereho yo guhora duhuze (amasaha 24 buri munsu w'icyumweru), ahubwo ko twaremewe kugirana umushyikirano, umunezero, ndetse n'amahoro hamwe nawe, mu buryo bwihariye kuri buri munsu wa karindwi. Mana, incuro nyinshi, umunsu w'Isabato twawugize umunsu wo kugira ibiduhugije byinshi, maze dutakaza intego yawo. Turagusabye ngo utubabarire. Utwigishe uko tweza Isabato kandi tukayigira umunsu w'umunezero ku bantu bose badukikije. Amen

“Nti ... Wivugire ibyo ushaka ku bwawe”

Yesu, tuguhaye icyubahiro no guhimbazwa, kuko uri Uwera kandi urabikwiriye. Turagushimira ko Isabato ari umunsu uduha umudendezo wo kwibanda kuri wowe, ku Ijambo ryawe, ku byo waremye, no kuba umugisha ku bandi. Nyamara, incuro nyinshi cyane twagiye dukoresha ayo masaha yera mu biganiro twishakiye no mu bikorwa bitakubahisha. Turagusabye ngo utubabarire. Utwigishe uko twahindura Isabato umunsu wo kutwongera imbaraga, umunsu mwiza, kandi wera. Amen.

Ibindi Byifuzo byo Gusabira

Gushima no Guhimbaza: gushimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

Kwatura: Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

Kuyobora: saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

Itorero ryacu: gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzego z'itorero ku isi (reba ibyifuzo byatanzwe byo gusengera).

Ibyifuzo byaho dutuye: Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

Tega amatwi kandi usubize: fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirisha guhimbaza cyangwa indirimbo.

Indirimbo zizifashishwa

- 1. Ngah' Umuns' Urakuze (#30)**
- 2. N'Umunsi Wera Wo Kuruhuka (#93)**
- 3. Amahoro Masa (#296)**
- 4. Wibuki' Isabato (#92)**

IBY'IBANZE BYO KWIZERA

UMUNSI WA 10 – BA UMUTUNZI MU BIFITE AKAMARO – UJYE UBA UMUNTU URANGWA N'IBIGARAGARA

“Kandi tujye tuzirikana ubwacu kugira ngo duterane ishyaka ryo gukundana n'iry'imirimo myiza. Twe kwirengagiza guteranira hamwe nk'uko bamwe bajya

bagira, ahubwo duhugurane kandi uko mubonye urya muni wegera, mube ari ko murushaho kugenza mutyo.” (Abaheburayo 10:24, 25).

Iby’Umwuka bigaragara

Imibereho y’Iby’umwuka ishingiyeye kuri Bibiliya ntabwo ari ibintu bitagaragara cyangwa bidafatika, ahubwo ni ibintu bigaragara kandi bifatika. Iyi mibereho ishingiyeye ku mubano wihariye kandi ufatika uba hagati y’abantu bazima ndetse n’Imana nzima. Ibintu bifatika muri kamere yabyo ntabwo ari ibintu biba bitagaragara ahubwo ni ibintu biba bigaragara. N’ubwo Imana ivugwa muri Bibiliya ari Imana itagaragarira amaso y’abantu, Yaduhamagariye gukora ibintu byihariye bifatika, bigaragaza umushyikirano dufitanye na Yo. Reka dufate urugero rw’imirimo dukora. Ibintu by’ingirakamaro dukorera Imana cyangwa abandi bantu, buri gihe biba ari ibintu bifatika cyangwa bigaragara. Cyangwa tekereza ibyerekeye kubahiriza Isabato. Kubahiriza Isabato bisaba gukora ibikorwa byihariye bigaragara nko kuruhuka cyangwa kuramya. Kuruhuka imirimo yacu ya buri muni no kugira amahitamo agaragaza ukwera k’umuni w’Isabato, nta na rimwe biba ari ibintu bitagaragara, ahubwo bihora ari bintu bigaragara.

Ibi ni na ko bimeze ku bijyanye no kugirana ibihe byo kuramya hamwe n’abantu mu rusengeru ku Isabato mu gitondo. N’ubwo bishoboka kwifatanya muri gahunda yo kuramya hakoreshejwe ikoranabuhanga mu buryo bwa murandasi (interineti), uburyo bwo kuramya buhebuje buzanwa n’imishyikirano ifatika ndetse no kwifatanya n’abantu ahantu hafatika. Ibikorwa bifatika ndetse by’ineza, ubuntu, kubabarira, impuhwe, kubaha ndetse no kuramya, biba bifite akamaro gusa iyo tubyiboneye. Nta buryo bw’ikoranabuhanga bushobora gusimbura cyangwa gusumba gukorwaho n’umuntu mu buryo bugaragara, guhoberana n’umuntu, gutabarwa, guhumurizwa, ihumure rituruka mu guhoberana mu buryo burangwa n’urukundo, ibyishimo biterwa no kumva umuntu aseka, cyangwa imbaraga

z'ukuboko kwakirana urugwiro. Ntushobora kwizihiza umuhango wo kozanya ibirenge, cyangwa kurya no kunywa ibigize ifunguro ryera mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa butagaragara. icyo Yesu yatangiye abinyujije mu cyitegererezo cye bwite, ni uko tumwibuka mu buryo bufatika, mu buryo tubasha gukoraho no gusogongeraho.

Ukwizera Kugaragara

Ndetse n'ibikorwa byo gusenga no kwiwiriza ubusa Ibyanditswe Byera bidushishikariza, ni ibikorwa bigaragara (kuko bigira umwanya bibera ndetse n'ahantu bibera). Ukwizera kwacu mu Mana guhora gufite urugero rw'ibigaragara. Mu gihe twebwe abantu dushobora gukora ibintu byose mu buryo butagaragara cyangwa bw'ikoranabuhanga, umubano wacu n'Imana ndetse n'urugendo rwacu na Yesu mu bya Mwuka, ntibishobora na rimwe kugabanuka ngo bibe ibintu bitagaragara.

Tekereza ku migisha yose ibikorwa bigaragara byo mu buzima bishobora kuzana. “Ijambo ryizihye rivuzwe mu gihe gikwiriye, Ni nk’amatunda y’izahabu ku mbehe y’ifeza” (Imigani. 25:11). Ukuboko gufasha umuntu mu byo akeneye; ukuboko kugukoraho mu buryo bworoheje kukubwira kuti "Nturi wenyine!"; agaciro k'ikarita yandikishijwe intoki cyangwa urwandiko ubasha gufata mu ntoki; kubabarirwa no guhabwa imbabazi ku buntu bidakwiriye bizana impinduka mu mishyikirano y'abantu; guha ibyokurya abafite inzara; kwakira abashyitsi mu gihe bari mu rugendo cyangwa badafite aho kuba. Ibi, hamwe n'indi migisha myinshi tugomba kubyibonera mu buryo bugaragara. Ujye wishimira ibyagezweho n'isi y'ikoranabuhanga—ariko wibuke kuba umuntu urangwa n'ibigaragara mu kwizera kwawe.

Mureke dusengere hamwe.

Igihe Amasengesho Amara: Iminota 30-45

Ijambo ry’Imana Dusengera – Abaheburayo 10:24, 25

“Kandi tujye tuzirikana ubwacu kugira ngo duterane ishyaka ryo gukundana n’iry’imirimo myiza. Twe kwirengagiza guteranira hamwe nk’uko bamwe bajya bagira, ahubwo duhugurane kandi uko mubonye urya munsu wegera, mube ari ko murushaho kugenza mutyo.”

“Duterane ishyaka ryo gukundana n’iry’imirimo myiza”

Mana, warakoze kuduhishurira icyo urukundo nyakuri ari cyo. Warakoze kuba warabaye umuntu maze ukatwereka urukundo ruhebuje binyuze muri Yesu. Warakoze kuba waraje muri iyi si yacu, ukabaho ubuzima bugaragara hamwe na twe, kandi ku bwacu. Muri iki gihe cy’ikoranabuhanga, utwibutse ko ari ngombwa cyane kwifatanya n’isi y’ibigaragara, binyuze mu bikorwa by’urukundo hamwe n’ineza. Mana, kenshi dukunze kubatwa n’ibikoresho byacu by’ikoranabuhanga ndetse n’imbuga za interineti. Udukize, kugira ngo tubashe kubaho ku bwawe dukorera abandi. Amen.

“Twe kwirengagiza guteranira hamwe”

Data, icyorezo cya Covid-19 cyihutishije ubwigunge isi y’ikoranabuhanga yari imaze imyaka ituganishaho. Kwibeshya ko habaho umushyikirana w’ukuri hakoreshejwe uburyo bw’ikoranabuhanga ntibizigera bisimbura akamaro ndetse n’umugisha w’imishyikirano nyayo y’imbonankubone. None ubwo icyorezo cyarangiyeye, dufashe gushyira imbere imishyikirano ya muntu, tugaragaza ineza, urukundo, kwita ku bandi, no kubafasha binyuze mu bikorwa bifatika, amagambo ndetse no kubakoraho. Amen.

Ibindi Byifuzo byo Gusabira

Gushima no Guhimbaza: gushimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

Kwatura: Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

Kuyobora: saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

Itorero ryacu: gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzego z'itorero ku isi (reba ibyifuzo byatanzwe byo gusengera).

Ibyifuzo byaho dutuye: Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

Tega amatwi kandi usubize: fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirishe guhimbaza cyangwa indirimbo.

Indirimbo zizifashishwa

- 1. Ibyiringiro Dufite (#176)**
- 2. Dufit'Ibyiringiro (#326)**
- 3. Hahirw' Ufit' Ibyiringiro (#174)**
- 4. Nyagasani Turakwiragije (#175)**

AMASEZERANO TWISHYUZA MU MASENGESHO

Amasezerano yerekeranye no guhabwa Umwuka Wera

1. “Nimusabe Uwiteka imvura mu gihe cy'itumba, muyisabe Uwiteka urema imirabyo, nawe azabavubira imvura y'umurindi, umuntu wese azamumereza ubwatsi mu rwuri rwe” Zekariya 10:1.

2. “None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, so wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamumusabye” Luka 11:13.
3. “Ariko Umufasha ariwe Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye niwe uzabigisha byose,abibutse ibyo nababwiye byose. Kandi ubwo azaza azatsinda ab’isi, abemeze iby’icyaha n’ibyo gukiranuka n’iby’amateka” Yohana 14:26; 16:8.
4. “Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko unyizera, imirimo nkora na we azayikora ndetse azakora n’iyiruta, kuko njya kwa Data. Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data yubahirirzwe mu Mwana we. Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora. Nzagikora” Yohana 14:12-14.
5. Aransubiza ati: “Ijambo Uwiteka atumye kuri Zerubabeli ngiri ati: ‘Si kubw’amaboko kandi si ku bw’imbaraga, ahubwo ni ku bw’Umwuka wanjye.’ Niko Uwiteka Nyiringabo avuga” Zekariya 4:6.

Amasezerano yerekeranye n’isubizwa ry’ amasengesho

1. “Nimuguma muri jye, amagambo yanjye akaguma muri mwe,musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa.Yohana 15: 7
2. “Nuko rero, twegere intebe y’ubuntu tudatinya kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.” Abaheburayo. 4:16
3. “Ni cyo gitumye mbabwira nti “Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe,kandi muzabibona” Mariko 11:24
4. “Unyambaze ku munsu w’amakuba no kuw’ibyago, nzagukiza nawe uzanshimisha. Zaburi 50:15
5. “Ndababwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose, bazagikorera na Data wo mu ijuru.” Matayo. 18:19
6. “Kandi ibyo muzasaba mwizereye muzabihabwa byose.” Mat. 21:22

7. “Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we. Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora. Yohana 14:13, 14
8. “Uwo munsu ntacyo muzambaza. Ni ukuri ni ukuri ndababwira icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye azakibaha. Kugeza none ntacyo mwasabye mu izina ryanjye. Musabe muzahabwa ngo umunezero wanyu ube wuzuye ” Yohana 16:23, 24
9. “Iki nicyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva icyo dusabye ikintu nk’uko ashaka. Kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n’uko duhawe ibyo tumusabye.”” 1Yohana 5:14, 15

Amasezerano yerekeranye n’imbaraga z’Imana

1. “Hari ikinanira Uwiteka se? Mu gihe cyashyizweho, iki gihe cy’umwaka nikigaruka nzakugarukaho, Sara abyare umuhungu.” Itangiriro 18:14
2. “Uwiteka ari bubarwanire, namwe mwicecekere.” Kuva. 14:14
3. “Yesu arabitegereza arababwira ati: Ibyo ntibishobokera abantu, ariko ku Mana ko si ko biri; kuko byose bishobokera Imana.” Mariko 10:27
4. “Tbahamagara ni icyo kwizerwa, no kubikora izabikora” 1 abatesalonike. 5:24
5. “Nzi yuko ushobora byose, kandi nta kibasha kurogoya imigambi yawe yose.” Yobu 42: 2
6. “None ubwo bimeze bityo tuvuye iki? Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu umubisha wacu ni nde? Mbese ubwo itimanye umwana wayo ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n’ibindi byose?” Abaroma 8:31, 32
7. “Imana si umuntu ngo ibeshye, kandi si umwana w’umuntu ngo yicuze. Ibyo yavuze, no gukora ntizabikora? Ibyavuye mu kanwa kayo no gusohoza ntizabisohoza? Kubara. 23:19

8. “Mbese ntiwari wabimenya? Ese nturabyumva? Imana ihoraho, Uwiteka Imana umuremyi w'impera z'isi ntirambirwa ntiruha. Ubwenge bwayo ntiburondoreka. Niyo iha intege abarambiwe kandi utibashije imwongeramo imbaraga. Abasore b'imigenda bazacogora baruhe, n'abasore bazagwa rwose. Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya, bazatumbagira mu kirere bagurukishe amababa nk'ibisiga, baziruka be kunanirwa, bazagenda be gucogora.” Yesaya 40: 28-31

Amasezerano yerekeranye no kurindwa n'Imana

1. “Mbese si jye ubigutegetse? Nuko komera ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwiteka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose.” Yosuwu 1: 9
2. “Dore ndi kumwe nawe, nzakurindira aho uzajya hose, kandi nzakugarura muri iki gihugu, kuko ntazagusiga ntarakora ibyo nkubwiye.” Itangiriro 28:15
3. “Dore ndatuma Malayika imbere yawe akurindire mu nzira akujyane aho nakwiteguriye” Kuva. 23:20
4. “Ariko niba uzashakirayo Uwiteka Imana yawe, uzayibona nuyishakisha umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose.” Gutegeka kwa kabiri: 4:29
5. “Ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije utamenya.” Yeremiya. 33: 3
6. “Igikombe cyose kizuzuzwa kandi umusozi wose n'agasozi bizaringanizwa, n'ahagoranye hazagororwa n'inzira zidaharuwe zizaharurwa. Maze icyubahiro cy'Uwiteka kizahishurwa kandi abantu bose bazakibonera rimwe, kuko akanwa k'Uwiteka ariko kabivuze.. ” Yesaya: 40: 4, 5
7. “Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, Nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho” Zaburi: 32: 8

8. “Uwiteka ubwe azakuja imbere, azabana nawe ntazagusiga, ntazaguhana. Ntutinye, ntukuke umutima.” Gutegeka kwa Kabiri 31: 8
9. “Ni nde wubaha Uwiteka? Azamwigisha inzira akwiriye guhitamo.” Zaburi : 25:12
10. “Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, nawe azajya akuyobora inzira unyuramo.” Imigani. 3: 5, 6
11. “Maze nutabaza Uwiteka azagutabara, nutaka azavuga ati “ndi hano” “Ni wikuramo agahato no kuvuga nabi, ukihotorera umushonji ugahaza umunyamubabaro, umucyo wawe uzaherako uvire mu mwijima, kandi urwijiji rwawe ruzatamuruka habe amanywa y'ihangu. Uwiteka azajya akuyobora, azahaza ubugingo bwawe mu bihe by'amapfa, azakomeza amagufwa yawe. Uzamera nk'urutoki rwuhirwa, kandi uzaba nk'isoko y'amazi idakama” Yesaya: 58:10, 11
12. “Maze ubwo bazaba batarantabaza nzabatabara, kandi bakivuga nzumva” Yesaya: 65:24

Amasezerano yerekeranye n'abantu bafite umutima wahindutse

1. “Nzabaha umutima wo kumenya yuko ari jye Uwiteka, bazaba ubwoko bwanjye nanjye nzaba Imana yabo, kuko bazangarukira n'umutima wabo wose” Yeremiya 24: 7
2. “Kandi ibyo mu mutima wawe no mu rubyaro rwawe bituma iba nk'imibiri itakebwe, Uwiteka Imana yawe izabikuriramo kugira ngo ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose, ubone uko ubaho.” Gutegeka kwa kabiri: 30: 6

3. “Nzabaha n’umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya, nzabakuramo umutima ukomeye nk’ibuye, mbashyiremo umutima woroshye.” Ezekiyeli: 36:26
4. “Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku munsu wa Yesu Kristo.” Abafilipi :1: 6
5. “Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya ibya kera biba bishize .Dore byose biba bihindutse bishya.” 2 Abikorinto 5:17
6. “Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w’Imana wankunze akanyitangira.” Abagaratiya 2:20
7. “Imana y’amahoro ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu n’Umwuka wanyu, n’ubugingo n’umubiri byose birarindwe, bitazabaho umugayo ubwo umwami wacu Yesu Kristo azaza.”Ibahamagara niyo kwizerwa no kubikora izabikora.” 1 abatesaloniki 5:23, 24

Amasezerano yerekeranye no kubabarira

1. "Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindikira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu.” 2 Ngoma 7:14
2. “Kuko wowe Mwami uri mwiza, witeguye kubabarira, kandi wuzuye imbabazi ku bakwambaza bose.” Zaburi 86: 5
3. “Kandi nimuhagarara musenga hakaba hari umuntu wabagiriye nabi, mumubabarire kugira ngo na So wo mu ijuru nawe ababarire ibyaha byanyu.” Mariko 11:25
4. “Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk’uko Imana yabababariye muri Kristo.” Abefeso 4:32

5. “Ariko nitwatura ibyaha byacu, niyo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.” 1Yohana 1: 9
6. Nimuze tujye inama niko Uwiteka avuga” Naho ibyaha byanyu byatukura nk’umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk’ubwoya bw’intama bwera”Yesaya 1:18
7. “Ubwanjye ni njye uhanagura ibicumuro byawe nkakubabarira ku bwanjye, kandi ibyaha byawe sinzabyibuka ukundi.” Yesaya 43:25
8. “Kuko nzabababarira gukiranirwa kwabo kandi icyaha cyabo sinzakibuka ukundi”Yeremiya 31:34
9. "Ni we waduhesheje gucungurwa kubw’amaraso ye, ariko kubabarirwa ibicumuro byacu nk’uko ubutunzi bw’ubuntu bwayo buri”. Abefeso 1: 7

Amasezerano yerekeranye no gutsinda icyaha

1. “Kuko icyabyawe n’Imana cyose kinesha iby’isi, kandi uku niko kunesha kwanesheje iby’isi, ni ukwizera kwacu.” 1Yohana 5: 4
2. “Ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n’uwadukunze.” Abaroma. 8:37
3. “Ariko Imana ishimwe, iduha kunesha kubw’Umwami wacu Yesu Kristo.” 1 Abikorinto 15:57
4. “Ntutinye kuko ndikumwe nawe, ntukihebe kuko ndi Imana yawe, nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw’iburyo, ariko gukiranuka kwanjye.” Yesaya 41:10
5. “Kandi ikigeretse kuri byose mutware kwizera nk’ingabo, ari ko muzashoboza kuzimisha imyambi ya wa mubi yose yaka umuriro.”Abefeso 6:16

6. “Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera umwana w’Imana wankunze akanyitangira.” Abagalatiya 2:20
7. “Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira” Abafilipi 2:13
8. “Ndavuga nti: “ Muyoborwe n’Umwuka” kuko aribwo mutazakora ibyo kamere irarikira” Abagaratiya 5:16
9. “Imana nyir'amahoro izamenagurira Satani munsu y’ibirenge byanyu bidatinze. Ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo bubane nawe. Amen. ” Rom. 16:20
10. “Kandi ntishushanyeye n’ab’iki gihe ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka ,ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose ”Abaroma 12: 2
11. “Ntishushanyeye iby’isi cyangwa ibiri mu isi .Umuntu nakunda iby’isi gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we.” 1Yohana 2:15

Amasezerano yerekeranye no gukiza indwara

1. “Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, ugakora ibitunganye mu maso yayo, ukumvira amategeko yayo, ukitondera ibyo yategetse byose, nta ndwara nzaguteza muzo nateje abanyegiputa, kuko arijye Uwiteka ugukiza indwara.” Kuva. 15:26
2. “Tbihindizo byawe bizaba ibyuma n’imiringa, kandi uko iminsi yawe ingana, niko intege zawe zizangana.” Gutegeka kwa kabiri 33:25
3. “Mutima wanjye himbaza Uwiteka, ntiwibagirwe ibyiza yakugiriye byose. Niwe ubabarira ibyo wakiraniye byose, agakiza indwara zawe zose, agacungura ubugingo bwawe ngo butajya muri rwa rwobo, akakwambika imbabazi no kugirirwa neza nk’ikamba, agahaza ubusaza bwawe ibyiza, agatuma usubira mu busore bushya, bumeze nk’ubw’ikizu.” Zaburi 103: 2-5

4. “Ntiwishime ubwenge bwawe, ujye wubaha Uwiteka kandi uve mu byaha. Bizatera umubiri wawe kuba mutaraga, Ukagira imisokoro mu magufwa yawe.” Imigani 3: 7, 8
5. “Yarasuzugurwaga akangwa n’abantu, yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yasuzugurwaga nk’umuntu abandi bima amaso natwe ntitumwubahe. Ni ukuri intimba zacu nizo yishyizeho, imibabaro yacu niyo yikoreye, ariko twebweho twamutekereje nk’uwakubiswe n’Imana agacumitwa nayo, agahetamishwa n’imibabaro. Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye niyo adukirisha.” Yesaya 53: 3-5
6. “Nkiza Uwiteka nzabona gukira, undokore nzarokoka, kuko ari wowe shimwe ryanjye.” Yeremiya 17:14
7. “Nzakugarurira amagara yawe, kandi nzagukiza inguma zawe, niko Uwiteka avuga.”Yeremiya 30:17
8. “Ariko rero nzabazanira kumera neza n’agakiza kandi mbakize, ndetse nzabahishurira amahoro n’ukuri bisesekeye.” Yeremiya 33: 6
9. “Ariko mwebweho abubaha izina ryanjye, izuba ryo gukiranuka rizabarasira rifite gukiza mu mababa yaryo, maze muzasohoka mukinagire nk’inyana zo mu kiraro.”Malaki 4: 2
10. “Muri mwe hariho urwaye? Natumire abakuru b’itorero, bamusabire bamusize amavuta mu izina ry’Umwami. Kandi isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi Umwami amuhagurutse, kandi naba yarakoze ibyaha azaba abibabariwe.”Yakobo 5:14, 15

Amasezerano yerekeranye no guhabwa imbaraga zikubashisha gukora ibijyanye n'ubushake bw'Imana

1. “Nicyo gituma tudacogora, kandi nubwo umuntu wacu w’inyuma asaza, umuntu wacu w’imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye, kuko kubabazwa kwacu kw’igihwayihwayi kw’akanya ka none kwiyongeranya, kuturemera ubwiza bw’iteka ryose bukomeye. Natwe ntitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ni iby’igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby’iteka ryose” 2 abikorinto 4: 16-18
2. “Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari” Abagaratiya 6: 9
3. “Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.” Abafilipi 4:13
4. “Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira.” Abafilipi 2:13
5. "Ariko arampakanira ati:" Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho intege nke ziri ariho imbaraga zanjye zuzura." 2 Abakorinto 12: 9

Amasezerano Yerekeranye no kuba Abahamya b'Imana

1. “Mwe kugira ubwoba ngo mutinye. Kera sinabikubwiye nkabigaragaza? Namwe muri abagabo bo kumpama. Hariho indi Mana ibaho itari jye? Ni koko nta kindi gitare, ubwange sinkizi.” Yesaya 44: 8
2. “Byuka urabagirane kuko umucyo wawe uje, kandi ubwiza bw’Uwiteka bukaba bukurasiye ” Yesaya 60: 1
3. “Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n’abandi” 2 Abakorinto 5:18
4. “Ariko Uwiteka arambwira ati: Wivuga uti: ‘Ndi Umwana kuko abo nzagutumaho bose uzabasanga kandi icyo nzagutegeka cyose nicyo uzavuga” Yeremiya 1: 7

5. “Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu, n’i Yudaya yose n’i Samariya, no kugeza ku mpera y’isi.” Ibyakozwe n’intumwa 1: 8
6. "Ariko mwebweho muri ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b’ubwami, ishyanga ryera n’abantu Imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry’iyabahamagaye, ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w’itangaza.” 1 Petero 2: 9
7. “Ahubwo mwubahe Kristo mu mitima yanyu ko ariwe Mwami, kandi mube mwiteguye iteka gusubiza umuntu wese ubabajije impamvu y’ibyiringiro mufite, ariko mufite ubugwaneza, mwubaha” 1 Petero 3:15.

KWIZIHIZA ISABATO ISOZA IMINSI CUMI

Tegura Isabato ya nyuma y’Iminsi Cumi y’amasengesho mu kwishimira ineza y’Imana n’imbaraga zayo. Sangiza abandi uburyo wabonye imbaraga zo gusenga ndetse n’inkuru nziza y’agakiza mu gihe cy’Iminsi Cumi ishize. Wishimire ibyo Imana yakoze, ibyo irimo gukora, n’ibyo igiye gukora.

Ibikenewe kuri buri torero birihariye, rero mugerageze gukorana n'abayobozi b'itorero mu gutegura gahunda yanyu yihariye y'itorero ryanyu. Izi ni zimwe mu ngingo wakwifashisha utegura Isabato isoza.

Insaganyamatsiko:

Iby'Ibanze byo Kwizera: Imico ya Gikristo Mu Bihe by'Imidugararo

Isomo Rigendana n'Insanganyamatsiko:

“Yewe mwana w'umuntu we, yakweretse icyiza icyo ari cyo. icyo Uwiteka agushakaho ni iki? Ni ugukora ibyo gukiranuka no gukunda kubabarira, no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi” (Mika 6:8).

Indirimbo zakwifashishwa:

Mwami Yesu Ndifuzza k'Umboneza (#13)

Untambe Hejuru Mwuka Wera (#23)

Yesu Arakomanga Ubu (#286)

Nkund'Ubucuti (#35)

Yasezeranye Kuduh'Imvura (#258)

Yesu Nd'Uwawe Nyakira (#25)

Wiringir'Umwami Imana (#281)

Ibitekerezo byo Kugufasha mu Kibwirizwa

Reka Pastoro, umukuru w'itorero, cyangwa umuyobozi w'icyiciro cy'amasengesho abwirize ikibwirizwa kigufi cyerekeranye n'imwe mu mico ya Gikristo ivugwa mu byigisho by'Iminsi Cumi yo Gusenga y'umwaka wa 2024.

Cyangwa

Muhe umwanya abitabiriye Iminsi Cumi y'amasengesho maze buri wese afate umunota 1- 2 atange incamake ya buri cyigisho mu byatanzwe mu gihe cy'iminsi icumi y'amasengesho. Havugwe icyigisho cyizwe, isomo ryashingiweho, n'icyamufashije cy'ingenzi (mubitegure mbere ku buryo izo ncamake ziguma hagati y'umunota 1-2, umunota umwe uhwanyeye n'amagambo 125-150)

Cyangwa

Mutoranye abantu batatu b'imyaka itandukanye, batange ubuhamya bwabo nko mu minota 5-10 bw'uburyo babaho buri munsu bayobowe n'imico ya Gikristo bihitiyemo.

Musoze mutanga amahirwe yo guhamagara abakurikiye iyo gahunda kwiyegurira Imana biyemeza ko inzira yabo ya Gikristo igiye kurushaho gushingira kuri Kristo, ku ijamba ry'Imana, bakagira imibereho igaragarira bose ko ishinze imizi mu mico n'indangagaciro bikubiye mu byigisho by'Iminsi Cumi y'Amasengesho.

Ibitekerezo ku zindi gahunda

Ubuhamya ku masengesho yasubijwe, gusengera hamwe mu matsinda mato, gutangaza amatangazo y'ibikorwa byo gusenga biteganyijwe mu minsi iri imbere, n'ibindi bikorwa by'ubugiraneza, inkuru z'abana, no guhitamo indirimbo zatoranyijwe, n'ibindi.

IMANA YUMVE KANDI ISOHOZE AMASENGESHO YAWU!
